Inyandiko nyobozi ku Burenganzira bw'Umubyeyi mu Burezi Bwihariye

Itangazo ry’Amahame y'Ibikorwa by'Uburezi Bwihariye

Mata 2025

Ohio Department of Education & Workforce

IBIREBANA N'UBUREZI BWIHARIYE 2

Umukozi w'Ishuri Ushinzwe Kuvugana nawe ku birebana n'Uburezi Bwihariye 2
Umukozi w'Ikigo Ushinzwe Kukugira Inama ku Uburezi Bwihariye wo mw' Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Leta ya Ohio 2

IRIBURIRO KURI IYI NYANDIKO NYOBOZI Y'UBURENGANZIRA BW'UMUBYEYI 3

AMAKURU RUSANGE 4

Kwemerwa kw'Ababyeyi nyuma yo kubona Amakuru Ahagije 4
Mu rwego rwo kubyemera nk'umubyeyi ufite amakuru ahagije, Ikigo Gishinzwe Uburezi kigomba 5
Ese umwana wawe yujuje ibisabwa mu kwiga mu ishuri ry'Uburezi bwihariye? 6
Ikigo gikora Isuzuma Ryigenga mu Burezi (Independent Educational Evaluations (IEE) 7
Itangazo ryanditse ritangwa mbere 8
Gahunda y'Uburezi bw'Umuntu ku Giti Cye (Individualized Education Program (IEP) 9

INYANDIKO Z'UBUREZI 10

Kubona uburenganzira bwo kubona izo Nyandiko 10

IKEMURWA RY'AMAKIMBIRANE 12

Inzira z'Ikemurwa ry'amakimbirane 12
Uburyo bwo gukemura ikibazo hakiri kare 13
Gufashwa 13
Guhuzwa 15
Gutanga Ikirego Cyemewe na Leta 16
Gutanga ikirego kirebana no gukurikiza uburyo bwemewe 20

IGIHE CYO GUTANGA IKIREGO CYO GUKURIKIZA UBURYO BWEMEWE N'UBURYO BIKORWA 22

Ibihagije 22
Igihe cyo Gukemura Ikibazo 23
Uburyo bw'Iburanisha 24
Uburyo Bwihutishijwe bwo Gutanga Ikirego cyo gukurikiza uburyo bwemewe n'Igihe Bimara 25
Kujuririra Umwanzuro 26
Imiterere y'imyigire y'umwana mu igihe cyo gukuririkirana ikirego cyo gukurikiza uburyo bwemewe 27
Igihembo cy'Umwunganizi mumategeko 28

IBIHANO 30

Ibigenderwaho mu bihano by'abana babana n'ubumuga 30
Uburyo bwo Kureba niba Ibimenyetso Bigaragara 31
Ibyo gukora mu igihe cy'Inzibacyuho (iby'igihe gito ndetse bitandukanye) Ibijyanye N'uburezi 32

GUSHYIRWA MU KIGO KU BANA BABANA N'UBUMUGA BIKOZWE N'ABABYEYI KU KIGO CY'ISHURI CYIGENGA KU IKIGUZI CYA LETA. 34

Uburyo bugena gusubizwa amafaranga 34

KUMENYESHA UMUBYEYI AMAHIRWE YO KWISHURIRWA AMASHURI KU BANYESHURI BABANA N'UBUMUGA 35

Igihe itangazo risohowe 35

Ibijyanye n'Uburezi Bwihariye

Uburezi bwihariye, ku abana bafite imyaka 3 kugeza kuri 21, bugenzurwa n'ibisabwa n'igihugu ndetse na leta. Ibisabwa n'amategeko ya leta byitwa Itegeko rigenga uburezi bw'abantu babana n'ubumuga (Individuals with Disabilities Education Act (IDEA). Ibisabwa na leta byitwa Amahame y'Ibikorwa ku uburezi bw'abana babana n'ubumuga (Amahame y'Imikorere muri Ohio).

Iyi nyandiko nyobozi yagufasha gusobanukirwa uburenganzira bwawe n'ubw'umwana wawe hakurikijwe itegeko rya IDEA n'amahame y'imikorere muri Ohio (Ohio Operating Standards). Kandi iguha amakuru n'ibikoresho byagufasha gusobanukirwa ubufasha ndetse na serivisi zitangwa mu burezi bwihariye bw'umwana wawe.

Ikigo cy'uburezi cy'aho utuye (urugero, ikigo cy'ishuri cy'ifasi utuyemo) nacyo gishobora kugufasha gusobanukirwa uburenganzira bwawe hakurikijwe iri tegeko. Niba ufite ibibazo ku makuru ari muri iyi nyandiko nyobozi, turagusaba guhamagara umuyobozi w'ishuri w'uburezi bwihariye mu ikigo cyanyu cy'uburezi.

Umukozi w'Ishuri Ushinzwe Kuvugana nawe ku ibirebana n'Uburezi Bwihariye

Turagusaba kongera amakuru akurikira muri iki gice:
Ikigo cy'uburezi:
Umuyobozi w'uburezi bwihariye:
Nimero ya telefoni:
Aderesi ya Imeyili:

Umukozi w'Ikigo Ushinzwe Kukugira Inama ku Uburezi Bwihariye wo mu Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Leta ya Ohio

Telefoni: 614-466-2650
Umurongo utishyuzwa (877) 644-6338.
(Fagisi) 614-728-1097

25 S. Front Street
Mail Stop 409
Columbus, Ohio 43215
Amakuru y'abo wahamagara/wakwandikira

Exceptionalchildren@education.ohio.gov

Kubahamagara bakoresha igikoresho cyohereza ubutumwa (TTY), turagusaba guhamagara Ohio Relay Service kuri (800) 750-0750.

Intangiriro kuri iyi nyandiko nyobozi y'uburenganzira bw'umubyeyi

Itegeko rigamije guteza imbere uburezi bw'Abanyeshuri bafite ubumuga (The Individuals with Disabilities Education Act (IDEA) ririnda uburenganzira bw'abanyeshuri bafite ubumuga n'uburenganzira bw'ababyeyi babo. Iyi nyandiko nyobozi ikubwira ibijyanye n'ubu burenganzira. Ikigo cy'ishuri cyawe kigomba kuguha kopi y'iyi nyandiko y'ubuyobozi rimwe mu mwaka niba umwana wawe ahabwa serivisi z'uburezi bwihariye. Kandi nawe ugomba guhabwa kopi:

- Niba usabye ko umwana wawe asuzumwa kuberako utekereza ko umwana wawe ashobora kuba abana n'ubumuga
- Niba ikigo cyawe cy'uburezi gishaka ko umwana wawe asuzumwa kuberako gitekereza ko yaba abana n'ubumuga
- Nimwandikira (nimwohererereza) – mu nyandiko – ku ibiro by’Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye (Office for Exceptional Children) mu
  Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Leta ya Ohio, ndetse aribwo bwa mbere utanze ikirego mu mwaka w'ishuri
- Ni mwandikira (mwohereza) kandi mukageza ubusabe bwanyu – mu buryo bw'inyandiko – ku biro by’Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye (Office for Exceptional Children) mw' Ishami Rishinzwe Uburezi n’Abakozi muri leta ya Ohio (Ohio Department of Education and Workforce), musaba iburanishwa ry'urubanza rusaba gukurikiza uburyo bwemewe rujyanye n'uburezi bw’umwana wanyu, kandi ari bwo bwa mbere muri uyu mwaka w’amashuri musabye iburanishwa ry'urubanza
- Niba umwana wawe yarirukanywe ku ishuri kubera impamvu z'ikinyabupfura (imyitwarire)- kandi umwana wawe yaramaze kwirukanwa ku ishuri iminsi 10 cyangwa irenga mu mwaka w'amashuri urimo
- Igihe icyo ari cyo cyose wasaba kopi y'iyi nyandiko nyobozi

Amakuru Rusange

Uruhushya bw'Ababyeyi Bafite Amakuru Ahagije

Umuntu uwo ari we wese ashobora kohereza umwana mu isuzuma ry'uburezi bwihariye. Igihe cyose wowe, nk'umubyeyi, ugaragaje impungenge ku myigire, iterambere cyangwa imikorere by'umwana wawe, ugomba gutanga ubusabe bwanditse kugira ngo hakorwe isuzuma ry'uburezi bwihariye ku mwarimu w'umwana, umuyobozi w'ishuri ndetse n'ugenzura uburezi bw'ihariye cyangwa umuyobozi mukuru. Igihe ishuri rimaze kwakira icyifuzo cyawe cyo gukora isuzuma, rifite iminsi 30 yo kugusubiza ibyo ritekereza ku kuba ryakorwa cyangwa ritakorwa. Umubyeyi agomba gutanga uruhushya rwanditse mbere yo gutangira umukoro w'isuzuma.

Iyo umwana amaze kwemezwa ko yujuje ibisabwa byo guhabwa uburezi bwihariye na serivisi zijyanye na bwo, hashyirwaho gahunda y'Uburezi bw'Umuntu ku giti cye (Individualized Education Program (IEP)) izashingira ku amakuru yavuye muri raporo y'itsinda rikora isuzuma (Evaluation Team Report (ETR)). IEP ni icyanditse kirimo inyandiko zerekana intego z'imyigire ndetse n'ibigomba kugerwaho n'umwana wawe mu igihe cy'umwaka w'amashuri. Yerekana kandi ubufasha ndetse na serivisi umwana wawe akeneye kugira ngo agere ku ntego zagaragajwe muri IEP.

Umwana wawe azahabwa itsinda rya IEP, rigizwe n'aba bakurikira:

- Umubyeyi (Ababyeyi)
- Nibura umwarimu umwe w'uburezi rusange (niba umwana yiga, cyangwa ashobora kwiga, mu mashuri asanzwe)
- Nibura umwarimu umwe w'uburezi bwihariye cyangwa ufasha umwana
- Uhagarariye ikigo cy'uburezi wujuje ibisabwa
- Umuntu ushobora gusobanura impinduka ku myigire zizakomoka ku byavuye mu isuzuma
- Kubushake bw'umubyeyi cyangwa bw'ikigo cy'uburezi, abandi bantu bafite ubumenyi cyangwa ubuhanga bwihariye ku byerekeye umwana, harimo n'abakozi bashinzwe imirimo ifitanye isano n'umwana uko bikwiye
- Igihe ari ngombwa, umwana ubana n'ubumuga

Gusuzuma IEP: Itsinda rya IEP risabwa guhura nibura rimwe mu mwaka kugira ngo risuzume IEP, ariko rishobora guhura kenshi kugira ngo risubiremo IEP, cyane cyane iyo umwana atarimo gutera imbere. Mu mategeko ya Ohio, uburenganzira bw'umubyeyi burakenewe kugira ngo hatangizwe serivisi z'uburezi bwihariye, ariko ntibukenewe kugira ngo hatangizwe isuzuma cyangwa ivugururwa rikurikiraho rya gahunda y'Uburezi Bwihariye bw'Umuntu ku Giti Cye (Individualized Education Program (IEP)). Ariko, uruhare rw'ababyeyi mu kwitabira IEP ruguma ari ingenzi. Ababyeyi barakenerwa mu bagize itsinda rya IEP muri buri nama yose yo kuvugurura IEP.

Ukwitabira k'umubyeyi: Nk'ababyeyi b'umwana ufite ubumuga, mufite uburenganzira bwo kumenyeshwa no guhabwa amahirwe yo kwitabira buri nama y'itsinda rya IEP. Ikigo cy'uburezi kigomba gutanga itangazo rimenyesha inama hakiri kare

Umubyeyi usimbura umubyeyi w'umwana ni umuntu ki?
Umubyeyi usimbura ni umuntu wemewe uhagararira umwana ufite ubumuga mubijyanye byose no kuzuza ibisabwa no kugenerwa serivisi z'uburezi bwihariye.

Ikigo gishinzwe uburezi aho utuye gihitamo umubyeyi usimbura umubyeyi w'umwana igihe cyose habayeho kimwe muri ibi bikurikira:

- Igihe umubyeyi adashobora kumenyekana
- Ikigo cy'uburezi, nyuma y'uko gishyizemo imbaraga zishoboka, ntigishoboye kumenya ngo umubyeyi ari he
- Iyo umwana atagira aho aba kandi nta muntu mukuru umwitaho afite
- Umwana ari mu burinzi bwa leta

birahagije kugirango umenye neza ko uzashobora kwitabira no guteganya inama kugihe ndetse n'ahantu mwemeranyijeho.

Uburenganzira bw'ababyeyi bivuze ko wowe ndetse/cyangwa ikigo cy'uburezi -umubyeyi washyizweho uhagarariye umwana mutanga uburenganzira, mu inyandiko, ku kigo cy'uburezi kugira icyo gikora. Uruhushya rwawe utanga umaze kumenya amakuru yose kandi kandi bisobanura ko ikigo cy'uburezi cyaguhaye amakuru ajyanye n'igikorwa giteganijwe. Ikigo cy'uburezi kigomba kubona uruhushya rwawe rwanditse:

- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi gisuzuma umwana wawe ku nshuro ya mbere kugira ngo kimenye niba umwana wawe akeneye uburezi bwihariye ndetse na serivisi zijyanye na bwo
- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi gitangira guha umwana wawe serivisi z'uburezi bwihariye ziri muri gahunda ye y'uburezi y'umuntu ku giti cye, nanone yitwa IEP
- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi cyongera gusuzuma umwana wawe kugira ngo kimenye niba ibyo akeneye byahindutse
- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi gikora amasuzuma y'inyongera k'umwana wawe. Urugero rwaba ugusuzuma uburyo bw'imikorere y'imyitwarire ye
- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi gihindura aho umwana wawe yiga. Ibyo ntibigomba kuba byumvikanisha guhindura inyubako yigamo. Ahubwo, ibisobanura impinduka muri gahunda z'uburezi z'umwana wawe
- Mbere y'uko ikigo cy'uburezi gitanga amakuru ajyanye n'umwana wawe ku wundi muntu utari uwavuzwe mu mategeko ya leta cyangwa y'igihugu

Uruhushya rw'umubyeyi rurakenerwa mu kongera gukora isuzuma kabone n'ubwo itsinda rya IEP ryaba ryemeje ko amakuru ahari y'umunyeshuri ahagije, kandi ko nta suzuma ry'inyongera rikenewe. Ibi rimwe na rimwe byitwa kongera gusuzuma "ureba neza inyandiko zabitswe"

Mu gutanga uruhushya rwawe rw'umubyeyi ufite amakuru ahagije, Ikigo cy'Uburezi kigomba:

- Reba neza ko yakoresheje ururimi rwawe kavukire, cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho usobanukiwe, kugira ngo iguhe amakuru yose ukeneye kugira ngo ufate umwanzuro
- Umenye neza ko usobanukiwe kandi wemera mu nyandiko ko ikigo cy'uburezi gikora igikorwa kandi ko uburenganzira bwawe bugaragaza icyo gikorwa, kimwe n'inyandiko zose z'umwana wawe zizasangizwa abandi ndetse n'abandi
- Menya neza ko uri gutanga uburenganzira bwawe k'ubushake, kandi ko ushobora guhindura uko ubona ibintu igihe icyo ari cyo cyose
- Menya neza ko iyo ukuyeho uburenganzira bwawe, ikigo gishinzwe uburezi kitagomba gusubiza inyuma icyemezo cyose cyafashe hagati y'igihe watanze uruhushya n'igihe warukuriyeho

GUTESHA AGACYIRO URUHUSHYA

Gukuraho uruhushya rwawe bivuze ko uruhushya rwawe ruhagaritse. Ushobora gukuraho uburenganzira bwawe igihe icyo aricyo cyose niba uhisemo ko umwana wawe atazongera guhabwa serivisi z'uburezi bwihariye nk'uko zitangwa muri IEP y'umwana wawe. Ugomba gukora ibi *mu nyandiko*.

Hanyuma, ikigo cy'uburezi:

- Kigomba guhagarika guha umwana wawe serivisi z'uburezi bwihariye muri IEP, ariko mbere yo guhagarika gutanga serivisi, ikigo cy'uburezi kigomba kukumenyesha mu inyandiko ko kigiye guhagarika serivisi. Itangazo wahawe n'ikigo cy'uburezi ryitwa Itangazo ryanditse ritangwa mbere. Iri tangazo ryanditse ritangwa mbere rigomba kuba ryujuje ibisabwa byateganyijwe ku gicye kirebana n'itangazo ryanditse cyo muri iyi nyandiko nyobozi ku rupapuro rwa 8.

Nuba umaze guhabwa n’ikigo cy’uburez iri tangazo ryanditse ritangwa mbere rigaragaza ko kitazongera guha umwana wawe serivisi z’uburezi bwihariye, kandi igihe serivisi zihagaraye, ikigo cy'uburezi nticyongera gufata umwana wawe nk'uwujuje ibisabwa byo guhabwa uburezi bwihariye, ahubwo kizamufata nk’umunyeshuri wiga muburezi rusange.

Ese umwana wawe yujuje ibisabwa mu kwiga mu ishuri ry'Uburezi bwihariye?

Kugira ngo wemerwe nk'umunyeshuri ubana n'ubumuga Itegeko ry’Uburezi bw’Abafite Ubumuga (The Individuals with Disabilities Education Act (IDEA)) n'amategeko y'imiyoborere muri Ohio , umwana wawe agomba kuba afite ubumuga buvugwa hasi aha. Iyo ubumuga bufite ingaruka mbi ku gutsinda k'umwana wawe mu ishuri kandi umwana wawe agomba kuba akeneye uburezi bwihariye ndetse/cyangwa serivisi zijyanye na bwo kuberaubumuga bwe.

- Ubumuga mu mitekerereze
- Ubumuga bwo kutumva
- Kuvuga cyangwa ubumuga mu rurimi
- Ubumuga bwo kureba
- Guhungabana mu marangamutima
- Ubumuga bw'ingingo
- Ubumuga bwo mu bwonko buvamo imbogamizi mu myitwarire n'imibanire(Autism)
- Kugira ihungabana bitewe n'igikomere cy'ubwonko
- Ubundi bumuga bw'ubuzima
- Ubumuga bwihariye bwo kwiga
- Kutumva
- Kutumva-kutareba
- Ubumuga bwinshi butandukanye
- Kugwingira

Ururimi kavukire cyangwa ubundi buryo bw'itumamaho

Inama zose witabira, isuzuma ry'umwana wawe, n'amatangazo yose wakira bigomba kwandikwa cyangwa kuvugwa mururimi rwawe kavukire cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho ukoresha.

Ibizamini byose n’ibindi bikoresho bizakoreshwa mu ugukorera isuzuma umwana wawe bigomba gukorwa mu rurimi kavukire rw’umwana — cyangwa ubundi buryo bw’itumanaho rizaha ifasi amakuru nyayo ku ibyo umwana wawe azi ndetse n'ibyo yakora mu masomo, iterambere no mu mikorere, keretse gusa iyo bidashoboka rwose kubyubahiriza cyangwa kubishyira mu ibikorwa.

SABA IKIGO CY'UBUREZI GUSUZUMA UMWANA WAWE

Niba utekereza ko umwana wawe ashobora kuba abana n'ubumuga bugira ingaruka ku myigire ye, ushobora gusaba ikigo cy’uburezi gukora isuzuma k’umwana wawe kugira ngo hamenyekane niba akwiriye guhabwa uburezi bwihariye (ubwo agafatwa nk’umwana ufite ubumuga hakurikijwe IDEA). Ikigo cy'uburezi kigomba gusubiza mu minsi 30 y'ubusabe bwawe byaba binyuze mu kubona uruhushya rwawe cyangwa mu kukugezaho mbere itangazo ryanditse risobanura impamvu ikigo cy'uburezi kidakeka ubumuga.

Ikigo cy'uburezi gishobora kugusaba uburenganzira igihe icyo ari cyo cyose kugira ngo gisuzume ko umwana wawe mu igihe yaketsweho ubumuga. Mu bibazo byose, ikigo cy'uburezi kimaze kubona uruhushya rwawe rwanditse, kigomba kurangiza isuzuma ry'ibanze (ryambere) mu iminsi 60 ya kalendari.

NIBA UMWANA WAWE AVUYE KUKIGO CY'ISHURI AJYA KUKINDI

Niba umwana wawe avuye ku kigo cy'uburezi kimwe akajya kukindi muri Ohio, ikigo cy'uburezi gishya kiba gifite iminsi 30 guhera ku itariki igenzura ry'ikigo cy'uburezi cya mbere ryakiriweho byaba:

- Kwemera isuzuma ryatanzwe n'ikigo cy'uburezi cya mbere; cyangwa
- Gusaba uburenganzira bwo kongera gukora isuzuma

Kongera gukora isuzuma ku kigo cy'uburezi gishya bigomba gukorwa mu iminsi 60 nyuma y'uburenganzira bw'ababyeyi.

NIBA UMWANA ARINZWE NA LETA

Niba umwana wawe ari *umwana arinzwe na leta* kandi akaba atabana n'umubyeyi we, ikigo cy'uburezi ntikigomba gusaba uruhushya rw'umubyeyi kugira ngo gikore isuzuma rya mbere rigamije kumenya niba umwana ari umwana ubana n'ubumuga mu bihe bikurikira:

- Niba, tutarebye imbaraga zo kubikora, ikigo cy'uburezi, nyuma y'uko gishyizemo imbaraga zishoboka, ntigishobore kubona umubyeyi

- Uburenganzira bw'ababyeyi bwarakuweho; cyangwa
- Uburenganzira bw'ababyeyi bwatanze n'umucamanza ku umuntu utanga uburenganzira bwo gukora isuzuma ry'ibanze.

Ikigo gikora Isuzuma Ryigenga (Independent Educational Evaluations (IEE)

Ikigo gikora Isuzuma Ryigenga (Independent Educational Evaluations (IEE) kitwa kandi nanone isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze. Ikigo cy'uburezi kizajya cyishyura amafaranga y'igenzura ry'umwana wawe ryakozwe n'ikindi kigo cyo hanze, mugihe cyonyine cyaba cyaramaze gukora isuzuma k'umwana wawe, kandi ukaba utemeranya n'ibyabonywe mu isuzuma ry'ikigo cy'uburezi. Intego ni ukumenya niba umwana wawe akeneye uburezi bwihariye cyangwa niba akomeje gukenera uburezi bwihariye. Umuntu usuzuma umwana wawe mu isuzuma ry'ikigo cyo hanze hanze ntashobora gukorera ikigo cy'uburezi cy'umwana wawe isuzuma. Wowe, nk'umubyeyi, ufite uburenganzira, igihe icyo ari cyo cyose bwo gutegura ndetse no kwishyura isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze k'umwana wawe. Iyo utemeranyijwe n'isuzuma ry'ikigo cy'uburezi cyawe cyasuzumye umwana wawe ndetse ugasaba isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze, ikigo cy'uburezi cyawe kigomba gukora kimwe muri ibi bikurikira bidatinze:

- Ikigo gishinzwe uburezi kigomba kukubwira aho ushobora isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze ry'umwana wawe kandi kikakubwira ibigenderwaho bikenewe kugira ngo ubyishyure. Iyo ikigo cy'uburezi cyemeye kandi ukabona isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze, ikigo cy'uburezi kigomba kwishyura ikiguzi
- Ikigo cy'uburezi kigomba gutanga ubusabe ku biro by'ishami rya leta ya Ohio rishinzwe uburezi n'abakozi mu rwego rwo kwita ku bana bakenye uburezi bwihariye, kugira ngo hakorwe iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko (reba ku ipaji ya 20), kubera ko kitemeranya n'ubusabe bwawe bw'isuzuma rikozwe n'ikindi kigo cyo hanze. Ibyo bishobora kuba biterwa n'uko ikigo cy'uburezi cyumva ko uko cyakoze isuzuma byari binoze.

IBIGENDERWAHO MU MASUZUMA AKOZWE N'IBIGO BYO HANZE

Ibigenderwaho bisabwa kumasuzuma ikigo cy'ishuri gikora bisa n'ibyo amasuzuma akorwa n'ibigo byo hanze agenderaho wateguye, kandi ikigo cy'ishuri kirayishyura. Ibyo bigenderwaho bikubiyemo aho umwana wawe ajya mu isuzuma ndetse n'ubunararibonye bw'umuntu uzasuzuma umwana wawe. Ikigo cy'uburezi kigomba kwishyura ikiguzi cyose cy'isuzuma ryakozwe n'ikigo cyo hanze ryujuje ibigenderwaho n'ikigo cy'uburezi.

Nusaba ko umwana wawe ko azakorerwa isuzuma n'ikigo cyo hanze, ikigo cy'uburezi gishobora kukubaza impamvu utanyuzwe n'isuzuma ryacyo kumwana wawe (ni ukuvuga impamvu ushaka isuzuma rikozwe n'ikigo cyo hanze), ariko ntabwo utegekwa gusobanura ibyo keretse uramutse ubishaka. Ufite uburenganzira bwo gukora igenzura rimwe gusa rikozwe n'ikigo cyo hanze ryishyurwa n'ikigo cy'uburezi, igihe cyose ikigo cy'uburezi gisuzumye umwana wawe kandi ukaba utemera ibyavuye mu igenzura ry'ikigo cy'uburezi.

Numara kubona isuzuma ry'umwana wawe ryakozwe n'ikigo cyo hanze ryujuje ibisabwa n'ikigo cy'uburezi, hatitawe ku umuntu wishyuye ikiguzi cyaryo, ikigo cy'uburezi kigomba gusuzuma ibyavuye muri iryo suzuma no gufata umwanzuro kuburyo kizafasha umwana wawe kubona uburezi rusange bufite ireme kandi buboneye ku buntu (Free Appropriate Public Education (FAPE)).

Itangazo ryanditse ritangwa mbere

INCAMAKE

Ikigo cy'uburezi kigomba kukumenyesha mu itangazo ryanditse (ryitwa itangazo ryanditse ritangwa mbere) mu igihe kitarambiranye mbere y'uko gitanga igitekerezo cyangwa cyanga gukora ibikorwa runaka. Ibi bikorwa birimo ikigo cy'uburezi gitangiza cyangwa gihindura amakuru aranga umuntu, isuzuma cyangwa ishyirwa ry'umwana wawe mumashuri cyangwa guha umwana wawe uburezi rusange bw'ubuntu bufite ireme kandi bukwiriye. Itangazo ryanditse ritangwa mbere ni ifishi y'uburezi bwihariye igomba kuba ihari.

IBIKUBIYE MW'ITANGAZO RYANDITSE RITANGWA MBERE

Itangazo ryanditse ritangwa mbere rigomba gutanga amakuru mu buryo burambuye ahagije ku buryo agufasha gushobora kugira uruhare mu gufata ibyemezo bijyanye n'uburezi bw'umwana wawe ufite ubusobanuro bwose. Itangazo ryanditse ritangwa mbere rigomba kuba rikubiyemo ibi:

- Ibisobanuro by'igikorwa cyateguwe cyangwa cyanzwe n'ikigo cy'uburezi
- Ibisobanuro by'impamvu ikigo cy'uburezi gitanga igitekerezo cyangwa cyanga gufata ingamba
- Ibisobanuro by'uburyo bwose bw'isuzuma, igenzura, inyandiko cyangwa raporo ikigo cyakoresheje mu ugufata icyemezo
- Inyandiko ivuga ko urinzwe n'amategeko agenga ishyirwa mu ibikorwa rya IDEA, kandi mu gihe itangazo ritari iry'ibanze ryo koherezwa mu isuzuma, uburyo ushobora kubona ugukurikizwa kw'amategeko agenga ishyirwa mu ibikorwa
- Aho washakira ubufasha kugira ngo usobanukirwe ibisabwa n'itegeko rya IDEA
- Ibisobanuro kuyandi mahitamo itsinda rya IEP ryatekerejeho n'impamvu yatumye ayo mahitamo yangwa
- Ibisobanuro by'ibindi bintu bifite aho bihuriye n'icyifuzo cy'ikigo cy'uburezi cyangwa kwanga

ITANGAZO RYANDITSE RITANGWA MBERE MU URURIMI UBASHA GUSOBANUKIRWA

Itangazo ryanditse ritangwa mbere rigomba gutangwa mu ururimi rwumva na rubanda y'abaturage kandi rigomba kwandikwa mu rurimi rwawe kavukire cyangwa mu bundi buryo bw'itumanaho keretse gusa iyo bigaragara ko bidashoboka gukorwa.

Niba ururimi rwawe kavukire cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho *atari* ururimi rubasha kwandikwa, ikigo cy'uburezi gikeneye gufata ingamba zo gusemura mu magambo mu buryo bwo kuvuga iryo tangazo ryanditse ritangwa mbere, cyangwa mu ubundi buryo wabasha gusobanukirwa, mu rurimi rwawe kavukire cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho. Ikigo cy'uburezi kizakenera kwemeza ko gishobora kwerekana, mu nyandiko, ko itangazo ryanditse ritangwa mbere ryasobanuwe neza mu rundi rurimi kandi ko wasobanukiwe ibikubiye muri iryo tangazo.

Gahunda y'Uburezi bw'Umuntu ku giti cye (Individualized Education Program (IEP)

Gahunda y'Uburezi bw'Umuntu ku giti cye (Individualized Education Program (IEP) ni inyandiko yerekana intego z'imyigire ndetse n'ibigomba kugerwaho n'umwana wawe mu igihe cy'umwaka w'amashuri. Yerekana kandi ubufasha ndetse na serivisi umwana wawe akeneye kugira ngo agere ku ntego zagaragajwe muri IEP.

Abagize itsinda rya IEP bakubiyemo:

- Umubyeyi (Ababyeyi)
- Nibura umwarimu umwe w'uburezi rusange (niba umwana yiga, cyangwa ashobora kwiga, muburyo bw'amashuri asanzwe)
- Nibura umwarimu umwe w'uburezi bwihariye cyangwa ufasha umwana
- Uhagarariye ikigo cy'uburezi wujuje ibisabwa
- Umuntu ushobora gusobanura impinduka ku myigire zizakomoka ku byavuye mu isuzuma
- Kubushake bw'umubyeyi cyangwa bw'ikigo cy'uburezi, abandi bantu bafite ubumenyi cyangwa ubuhanga bwihariye ku byerekeye umwana, harimo n'abakozi bashinzwe imirimo ifitanye isano n'umwana uko bikwiye
- Igihe ari ngombwa, umwana ubana n'ubumuga

Isuzumwa rya IEP: Itsinda rya IEP risabwa guhura byibuze rimwe mu mwaka kugira ngo risuzume IEP ariko rishobora guhura kenshi kugira ngo risuzume IEP, cyane cyane iyo umwana adatera imbere. Muri Ohio, isuzuma rya buri mwaka rya IEP no kuvugurura ntibisaba uruhushya rw'ababyeyi gushyira mu ibikorwa IEP. Uburenganzira bw'ababyeyi busabwa gusa muri IEP y'ibanze. Ufite uruhare rukomeye mugutanga ibitekerezo mu iterambere rya IEP kandi urashishikarizwa cyane kwitabira isuzuma rya IEP.

Ukwitabira k'umubyeyi: Nk'ababyeyi b'umwana ufite ubumuga, mufite uburenganzira bwo kumenyeshwa no guhabwa amahirwe yo kwitabira buri inama y'itsinda rya IEP. Ikigo cy'uburezi kigomba kubamenyesha inama hakiri kare bihagije kugira ngo bizere ko uzashobora kuyitabira kandi bategure gahunda y'inama ku gihe n'ahantu mwumvikanyeho.

Inyandiko z'uburezi

Kubona uburenganzira bwo kubona izo Nyandiko

Itegeko ry'Umuryango mu myigire ndetse no Kugira Ibanga (The Family Educational Rights and Privacy Act (FERPA) ni itegeko ry'igihugu riguha uburenganzira busesuye bwo kugenzura inyandiko z'uburezi bw'abana bawe. Uburenganzira bwatanzwe na FERPA buva kuri wowe bukagera kumunyeshuri wawe igihe umunyeshuri wawe yujuje imyaka 18 cyangwa atangiye kwiga amashuri yisumbuye (nk'amashuri yisumbuye cyangwa kaminuza), bitewe n'ibyabaye mbere.

INYANDIKO Z'UBUREZI NI IZIHE?

Niba amakuru amwe n'amwe yerekeye umunyeshuri arindwa na FERPA biterwa n'uko iyo nyandiko yujuje ibisobanuro by'inyandiko y'amashuri. FERPA isobanura inyandiko z'amashuri nki:

1. Inyandiko zifitanye isano itaziguye n'umunyeshuri runaka, rimwe na rimwe amashuri azita amakuru agaragaza umuntu ku giti cye
2. Inyandiko zibikwa n'ikigo cy'uburezi cyangwa ikigo (urugero, ikigo cy'ishuri cy'ifasi) cyangwa n'undi muntu ukorera icyo kigo

AMAKURU AGARAGAZA UMUNTU KU GITI CYE AKUBIYEMO:

- Izina ry'umwana wawe
- Izina ry'ugize umuryango
- Aderesi y'umwana wawe cyangwa iy'umuryango wawe
- Amakuru akuranga, nk'umubare uranga nomero y'ubwishingizi y'umwana wawe, nomero y'umunyeshuri cyangwa dosiye y'ibikumwe
- Ubundi buryo butaziguye bwo kumenya umwana wawe, nk'itariki yavukiyeho, aho yavukiye, izina nyina yari afite mbere y'uko ashaka, inkomoko cyangwa ubwoko
- Andi makuru, yaba ku giti cyayo cyangwa avanze n’andi, ashobora guhuzwa cyangwa agahuza n’umunyeshuri runaka kuburyo umuntu wumva neza ibibera mu muryango w’ishuri, ariko udafite ubumenyi bwihariye kubyerekeye uwo munyeshuri, yabasha guhita amumenya ku buryo bufatika kandi adashyidikanya
- Amakuru asabwa n'umuntu ishuri ritekereza ko ashobora kuba azi umwana wawe
- Izindi ngero zisobanurwa na FERPA

KURINDA NDETSE NO KUGIRIRA IBANGA INYANDIKO

Inyandiko z'amashuri zishobora kubikwa muburyo bwinshi. Ingero zimwe ni:

- Inyandiko zandikishijwe intoki
- izacapwe
- Iziri muri mudasobwa
- Videwo cyangwa kasete
- Filimi, microfilm, cyangwa microfiche

Inyandiko z'umunyeshuri ni ibanga, bisobanuye ko *zihariye*. Ikigo cy'uburezi kigomba kurinda ibanga ry'inyandiko z'umwana wawe mu gihe gikusanya, kizibika, kizitanga cyangwa kizangiza.

GUSUZUMA INYANDIKO Z'UMWANA WAWE

Ikigo cy'uburezi kigomba kukwemerera gusuzuma inyandiko z'amashuri y'umwana wawe nta gutinda kudafite impamvu kandi mbere y'inama iyo ari yo yose y'itsinda ry'uburezi bwihariye b'umuntu ku giti cye (Individualized Education Program (IEP)) cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose cy'uburyo bwemewe n'amategeko uzaba urimo. Ikigo gishinzwe uburezi nticyabasha gutegereza iminsi irenze 45 uhereye igihe watangiye ubusabe bwo kubona inyandiko.

Ufite uburenganzira bwo gusuzuma amakuru ari mu inyandiko yerekeye *umwana* wawe gusa. Ufite uburenganzira bwo gusaba ikigo cy'ishuri gusobanura iby'inyandiko z'umwana wawe. Ufite uburenganzira bwo kugira umuntu uguhagarariye kugenzura inyandiko (nk'inshuti cyangwa ukunganira mu mategeko).

Ikigo cy'uburezi gishobora kuguha kopi z'inyandiko z'umwana wawe; ariko, ikigo cy'uburezi kigomba kuguha kopi mu gihe kubikora byatuma udashobora gukoresha uburenganzira bwawe bwo gusuzuma inyandiko. Igihe cyose ufite uburenganzira bwo guhabwa kopi z'inyandiko ku kiguzi cyawe.

IMPINDUKA MU NYANDIKO Z'UBUREZI

Ufite uburenganzira bwo gusaba ikigo cy'uburezi guhindura amakuru atari yo cyangwa ayobya mu inyandiko z'umwana wawe. Ishuri ry'umwana wawe ntirigomba guhindura inyandiko z'amashuri hakurikijwe ibyo wasabye (kubera ko gusa ubisabye), ariko ishuri *rigomba gusuzuma* ibyo wasabye. Niba ikigo cy'ishuri cyafashe icyemezo cyo kudahindura inyandiko y'umwana wawe nk'uko wabisabye, ikigo cy'ishuri kigomba kukubwira ko ufite uburenganzira bwo kuburanishwa kugira ngo uvuge kuri icyo kibazo.

Nyuma y'iburanisha, niba ikigo cy'ishuri gikomeje gufata icyemezo cyo kudahindura inyandiko y'amashuri, ufite uburenganzira bwo gushyiramo raporo yawe kuri iki kibazo mu inyandiko y'umwana wawe. Iyi raporo igomba kuguma mu inyandiko y'umwana wawe.

ISANGIZWA RY'AMAKURU Y'UBUREZI

Ubusanzwe, ikigo cy'uburezi kigomba kugusaba uruhushya mu inyandiko niba cyifuza gusangiza undi muntu utari wowe inyandiko zerekana uburezi bw'umwana wawe. Ariko kandi, hari imimerere imwe n'imwe idasaba uruhushya rwawe. Kubona amakuru y'inyongera igihe ikigo cy'uburezi kitagomba kuba gifite uruhushya rwawe rwanditse kugira ngo gisangize abandi inyandiko, reba inama rusange ya FERPAe ku ababyeyik'urubuga rw' Ishami rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rishinzwe uburezi kuriwww.ed.gov.

Gukemura amakimbirane

Uburyo bwo gukemura amakimbirane

Niba uhangayikishijwe n'amashuri y'umwana ubana n'ubumuga, intambwe ya mbere ni ugukorana n'ikigo cy'uburezi cyawe. Mbere na mbere, hamagara umwarimu w'umunyeshuri wawe cyangwa umuyobozi w'ishuri ry'uburezi bwihariye. Bwira uwo muntu ibyo utekereza. Niba wowe n'ikigo cy'uburezi mutabona ibintu kimwe ku birebana n'ikibazo cyawe, hari uburyo mushobora gukorana kugira ngo mukemure icyo kibazo.

Ibi bikorwa bifite amazina yemewe ikigo cy'uburezi cyawe gishobora gukoresha, ariko iyi nama izagufasha gusobanukirwa icyo ayo mazina asobanura n'uburyo wowe n'ishuri mushobora gufasha umwana wawe. Igice gikurikira gisobanura ibi bikorwa cyangwa uburyo ushobora gukoresha mu gukorana n'ikigo cy'uburezi cyawe

UGUSUZUMA K'UBUYOBOZI

Niba utemeranya n'icyemezo cy'ikigo cy'uburezi ku bijyanye n'uburezi bw'umwana wawe ubana n'ubumuga, ushobora gutanga ikirego kubuyobozi bw'ikigo. Mugusubiza, umuyobozi w'ikigo cy'amashuri cya leta cyawe (cyangwa uwo bagennye) azakora igenzura ry'ubuyobozi. Iri genzura rishobora kuba harimo iburanisha ry'ubuyobozi.

Igenzura n'iburanisha ry'ubuyobozi, niba rimwe ribaye, rigomba kuba ku gihe n'ahantu byorohera abitabiriye bose basabwa. Wowe n'ikigo cy'uburezi mushobora gutumira abandi kuzaza mu nama y'igenzura cyangwa mu iburanisha ry'ubuyobozi. Urugero, ushobora gutumira abandi bagize umuryango wawe cyangwa incuti yawe, umuntu uzi iby'uburezi bwihariye cyangwa umujyanama muby'amategeko. Niba umwana wawe yiga muri gahunda ikorwa n'inama nkuru ishinzwe ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ikindi kigo cy'uburezi cya leta, ikigo cy'uburezi kigomba kuganira n'inama nkuru cyangwa ikigo ku isuzuma ry'ubuyobozi.

Mu gihe musuzuma imimerere, mugomba gushyiramo umuhate wose kugira ngo mukemure ikibazo cy'ubwumvikane buke mufite kubirebana n'uburezi bw'umwana wawe. Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri cya leta (cyangwa uwo bagennye) azumva impande zombi zihanganye maze afate umwanzuro. Iyo hafashwe umwanzuro, Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri cya leta agomba kukumenyesha munyandiko. Ibi bigomba gukorwa mu iminsi 20 uhereye igihe watangarije ikigo cy'uburezi ikibazo cyawe.

UBUNDI BURYO BW'INYONGERA USHOBORA KUGERAGEZA

Niba wararangije iyi nzira kandi wowe n'ikigo cy'uburezi mukomeje kutumvikana kuburyo bwo gukemura ikibazo, hari ubundi buryo ushobora kugerageza. Nubwo udasabwa gusaba isuzuma ry'ubuyobozi mbere yo kujya muzindi nzira zo gukemura amakimbirane, urashishikarizwa kubikora. Hari ubundi buryo wakoresha bw'inyongera kugira ngo ukemure icyo kibazo. Ishami Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi muri Ohio ndetse n'Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children) bishobora kugufasha mugusaba ibikoresho by'inyongera byagufasha gukemura ibibazo byawe. Ibigo bikurikira nabyo bishobora kugufasha:

- Itsinda rya Leta ry'Ubufasha ry'Aho Utuye (Intara#_____) kuri (telefoni #_____). Umujyanama w'ababyeyi n'umuryango mu itsinda ry'ubufasha bwa leta azakorana nawe.
- Umujyanama w'umubyeyi wawe waho utuye,niba ikigo cyanyu cy'uburezi kimufite.

    - Umujyana w'umubyeyi atanga amakuru kandi agashyigikira imiryango y'umwana ubana n'ubumuga n'ibigo by'uburezi. Umujyanama w'umubyeyi ni umukozi w'ikigo cy'uburezi kandi akaba n'umubyeyi w'umwana ubana n'ubumuga.
    - Andi makuru y'inyongera, hamagara_____.
- Ihuriro rya Ohio ry'Uburezi bw'Abana babana n'Ubumuga (Ohio Coalition for the Education of Children with Disabilities (OCECD))
    - OCECD ni umuryango utegamiye kuri leta utanga serivisi ku imiryango y'impinja, abana bato, abana n'urubyiruko babana n'ubumuga muri Ohio, ndetse n'abarimu n'ibigo bibaha serivisi. Porogaramu za OCECD zifasha ababyeyi kuba bafite amakuru kandi bahagarariye neza abana babo mu inzego zose z'uburezi.

Ayandi makuru y'inyongera, hamagara OCECD kuri (740) 382-5452 cyangwa usure paji ya interineti ya OCECD kuri www.ocecd.org.

Uburyo bwo gukemura ikibazo hakiri kare

Gukemura ibibazo hakiri kare ni igihe ugerageza gukemura amakimbirane yawe n'ikigo cy'uburezi mu uburyo budasanzwe kandi mbere yo gutangira gukoresha ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane. Umwe wo mu Ishami Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi muri Ohio ndetse n'Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children) azakorana nawe kugira ngo agufashe gukemura ibibazo n'impungenge ufite ku ibirebana n'uburezi bw'umwana wawe.

Ishami Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi ryo muri Ohio (Ohio Department of Education and Workforce) rishishikariza gutanga ikirego kigakemurwa hakiri kare mbere yo gusaba ko hakorwa ibindi bikorwa byemewe n'amategeko, nk'ibirego byanditse cyangwa iburanisha rinyuze muburyo bwemewe. Ushobora guhamagara umwe wo mu Ishami Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi muri Ohio ndetse n'Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children) kugira ngo agufashe gukemura ibibazo ndetse n'impungenge k'uburezi bw'umwana wawe. Kugira ngo uganire n'umuntu kubijyanye no gukemura ikibazo cyawe vuba, turagusaba guhamagara Ishami:

- Kuri telefoni: (614) 466-2650, cyangwa umurongo utishyuzwa kuri (877) 644-6338
- Kuri imeyili: exceptionalchildren@education.ohio.gov

Gufashwa

Niba uhangayikishijwe n'igikorwa cyo gusuzuma cyangwa kongera gusuzuma umwana wawe ku bijyanye n'uburezi bwihariye, cyangwa ku bijyanye na Gahunda y'Uburezi bw'Umuntu ku giti cye (Individualized Education Program (IEP)) y'umwana wawe, uburyo bwitwa gufashwa bushobora gukora kuri wowe.

Gufashwa ni igihe usabye Ishami gutegura umufashamyumvire kwitabira inama yiga ku isuzuma ry'umwana wawe cyangwa itsinda rya IEP (uri umwe mubagize iri tsinda). Ikigo cy'uburezi gishobora no gutanga ubusabe ku Ishami risaba umufashamyumvire muri imwe muri izi nama zijyanye n'uburezi bwihariye bw'umwana wawe. Wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kumvikana ko umufashamyumvire azaba ahari mu inama.

INTEGO Y'UMUHUZABIKORWA

Kumvikanisha ibikorwa bibera munama y'itsinda rya IEP, inama yo gahunda y'uburezi y'umutu ku giti cye, inama isuzuma ibyateganyijwe cyangwa inama y'itsinda rikora isuzuma. Umufashamyumvire ntaba afite aho abogamiye, ni umuntu wo kuruhande utari mubagize iryo tsinda kandi ntafatira itsinda icyemezo icyo ari cyo cyose. Kugira umufashamyumvire bifasha itsinda mu ukubyara umusaruro ndetse no gukomeza kwibanda kumunyeshuri. Abafashamyumvire ni abahuza b'umwuga baba barahuguwe n'Ibiro bishinzwe abana bitabwaho by'umwihariko urwego rw'uburezi bwihariye.

Ushobora gusaba gufashwa igihe icyo aricyo cyose. Iyo umaze kubikora, wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kwitabira. Mugihe mwembi mu byemeye, Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children) bizaguha umwe. Ntakiguzi cyawe cyangwa icy'ikigo gishinzwe uburezi kubijyanye no gufashwa.

UMUFASHAMYUMVIRE:

- Ntagira aho abogamira (ntafata uruhande abogamiraho cyangwa ngo akorere wowe cyangwa ikigo cy'uburezi)
- Ni umwunzi w'umunyamwuga witojwe (umuntu wujuje ibisabwa mu ugukemura amakimbirane)
- Yaratojwe muri byo kandi azi amategeko n'ibisabwa ku uburezi bwihariye
- Ntago ari muri IEP y'umwana wawe cyangwa itsinda risuzuma
- Ntajya afata ibyemezo, ahubwo ayobora itsinda mu ugushaka ibisubizo
- Afasha kuganira mwisanzuye hagati yawe n'ikigo cy'uburezi
- Atuma inama ikomeza kugenda neza kandi bigatuma buri wese yubahiriza gahunda
- Atuma itsinda ryita ku mwana wawe no ku ibyo akeneye

IBYO KWIBUKA MU UGUFASHWA

- Gufashwa ni ubushake
  - Wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kwemera kuba muri icyo gikorwa. Niba wowe n'ikigo cy'uburezi mwumvikanye ko hari umufashamyumvire munama, ibi ntibivuze ko ugomba kumvikana n'ikigo cy'uburezi munama cyangwa ngo wemere uko inama igenda. Buri gihe ababyeyi bemererwa kugira ibitekerezo byabo bwite.
- Amasezerano yose yagenwe munama yo gufashwa, ubusanzwe aba afite agaciro. Ibi bivuze ko wowe hamwe n'ikigo gishinzwe uburezi mugomba gukurikiza amasezerano nyuma y'icyemezo cyafashwe mubyumvikanyeho.
  - Inyandiko zose wowe n'ikigo cy'uburezi mushyiraho umukono ku bijyanye n'isuzuma ry'umwana wawe cyangwa IEP, zifite agaciro nk'ak'inyandiko zashyizweho umukono kuyindi nama ya IEP cyangwa itsinda ry'isuzuma.

Kuyandi makuru y'inyongera yo gufashwa, sura paji ya interineti y'Ishami rya Ohio Rishinzwe Uburezi n'Abakozi kuri education.ohio.gov ndetse no gushaka ***gufashwa*.**

Gusaba gufashwa

Hamagara umuyobozi w'ikigo cy'uburezi cyawe ushinzwe uburezi bwihariye kugira ngo urebe niba akarere gafite ubushake bwo kwitabira muri ubu buryo,__ku_____. Impande zombi zemeranyije kugira uruhare mu gufashwa, turagusaba guhamagara Ishami rya Ohio rishinzwe Uburezi n'Abakozi n'Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children)

- Kuri telefoni: (877) 644-6338
- Kuri imeyili: OECMediationFacilitation@education.ohio.gov

Guhuzwa

Guhuzwa ni igihe wowe n'ikigo gishinzwe uburezi mwemeranya ko undi muntu w'umunyamwuga azaza mu inama kugira ngo afashe kugera ku masezerano ajyanye n'uburezi bw'umunyeshuri ubana n'ubumuga cyangwa umunyeshuri *ukekwaho* kugira ubumuga. Undi muntu bisobanura ko uyu muntu, nanone witwa umuhuza, adafata uruhande kandi ntakorere cyangwa ngo akore mu izina ry'umubyeyi cyangwa ikigo cy'uburezi. Umuhuza ni amahitamo yawe hamwe n'ibigo by'uburezi igihe cyose hari ukutumvikana ku bijyanye n'uburezi bwihariye bw'umwana wawe.

GUHUZWA NI UBUNTU KANDI BISHOBORA GUSABWA IGIHE ICYO ARI CYO CYOSE

Guhuzwa bishobora gusabwa igihe icyo ari cyo cyose Igihe guhuzwa byasabwe, wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kwemera kubigiramo uruhare. Niba mwembi mwemeye kubigiramo uruhare, Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children) bazashyiraho umuhuza kubwawe.
Umuhuza ntashobora kukubwira uburyo ugomba gukemura ikibazo cy'uburezi bwihariye bw'umwana wawe. Ahubwo, umuhuza afasha impande zombi kuganira ku bibazo by'umwana wawe no kubikemura.

Niba uhisemo gutanga ikirego cy'uburyo bwemewe cyangwa gusaba iburanishwa ry'uburyo bwemewe (reba ipaji ya 17-28), Ishami rya Ohio Department of Education rizagusaba ko bwa mbere wabanza ukifashisha uburyo bw'ubuhuza. Nta kiguzi cyawe cyangwa icy'ikigo gishinzwe uburezi kubijyanye no guhuzwa.

Gusaba Ubuhuza	Kubona umuhuza no guteganya Inama	Inama y'Umuhuza	Amasezerano yagezweho	Amasezerano Ntabwo yagezweho
Wowe cyangwa akarere k'ishuri mushobora gusaba Ishami Rishinzwe iby'Uburezi n'Imirimo ya Ohio kubashakira ubakorera ubuhuza igihe icyo ari cyo cyose. Nutanga ikirego cyangwa nusaba kumvwa mu rukiko ngo harebwe niba byakozwe mu buryo bwemewe n'amategeko, Ikigo kizagusaba gukoresha ubuhuza nk'intambwe ya mbere. Ku mpande zombi, wowe n'ubuyobozi bw'akarere mugomba kuba mwemera gukoresha umuhuza.	Umuhuza n'umuntu wigenga udafite aho abogamiye. Umuhuza azashiraho italiki y'Inama vuba hashoboka. Ikigo kizishyura umuhuza.	Wowe n'ikigo cyifasi muvuga impungenge mufite Umuhuza agerageza gufasha mu gukemura impaka no kugera ku amasezerano ya nyuma yanditse. Muri rusange, nta kintu na kimwe cyavuzwe mu gihe cy'ubuhuza gishobora gusabwa hanze y'inama cyangwa ngo gikoreshwe mu imanza zizakurikiraho, keretse mu igihe habonetse irengayobora..	Ayo masezerano yanditse yubahiriza amategeko kandi wowe n'ikigo cy'ifasi muyashyiraho umukono. Kubahiriza amategeko bivuze ko wowe ndetse n'ikigo mugomba gukurikiza amasezerano,ndetse n'urukiko rwayashyira mu ibikorwa.	Niba nta amasezerano yabonetse mu igihe cy'ubuhuza, kandi ukaba waratanze ikirego cyemewe na leta, Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children, OEC) buzakemura ikibazo Niba nta bwumvikane mwagezeho mu gihe cy'ubuhuza kandi ukaba waratanze ikirego cy'uburyo bwemewe, noneho iburanisha ry'urubanza rizakurikiraho.

UMUHUZA:

- Ntagira aho abogamira (ntafata uruhande abogamiraho cyangwa ngo akorere wowe cyangwa ikigo cy'uburezi)

- Ntabwo yemerewe gufata ibyemezo; ahubwo, umuhuza agufasha hamwe n'ikigo cy'uburezi gukemura ikibazo kijyanye n'uburezi bw'umwana wawe.
- Akorana nawe n'ikigo cy'uburezi kugira ngo mufate umwanzuro kumasezerano y'ubuhuza yanditse
- Atuma inama ikomeza kugenda neza kandi bigatuma buri wese yubahiriza gahunda
- Atuma buri wese yibanda kumunyeshuri n'ibyo akeneye
- Afasha kuganira mwisanzuye hagati yawe n'ikigo cy'uburezi

IBYO KWIBUKA KUBIJYANYE NO GUHUZWA

- Guhuzwa ni ubushake
    - Wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kwemera kuba muri icyo gikorwa. Niba wowe n'ikigo cy'uburezi mwumvikanye ko hari umuhuza mu inama, ibi ntibivuze ko ugomba kumvikana n'ikigo cy'uburezi munama cyangwa ngo wemere uko inama igenda.
- Guhuzwa ni ibanga
    - Ibintu byose byavuzwe munama yo guhuzwa muri rusange bikomeza kuba ibanga (birihariye) kandi ntibishobora gukoreshwa nyuma, keretse iyo hari irengayobora.
- Amasezerano yose yanditswe mu gihe cy'ubuhuza, ubusanzwe aba afite agaciro. Ibi bivuze ko wowe hamwe n'ikigo gishinzwe uburezi mugomba gukurikiza amasezerano yanditse nyuma y'icyemezo cyafashwe mubyumvikanyeho.
    - Inyandiko zose wowe n'ikigo cy'uburezi mushyiraho umukono ku bijyanye n'isuzuma ry'umwana wawe cyangwa IEP, zifite agaciro nk'ak'inyandiko zashyizweho umukono kuyindi nama ya IEP cyangwa itsinda ry'isuzuma.

Gusaba guhuzwa

Hamagara umuyobozi w'ifasi yawe ushinzwe uburezi bwihariye kugira ngo urebe niba akarere gafite ubushake bwo kwitabira iyi nzira_____kuri_____. Iyo impande zombi zemeranyije kugira uruhare mu gufashwa, turagusaba guhamagara Ishami rya Ohio rishinzwe Uburezi n'Abakozi Ibiro bishinzwe kwita ku bana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children)

- Kuri telefoni: (877) 644-6338
- Kuri imeyili: OECMediationFacilitation@education.ohio.gov

Gutanga Ikirego Cyemewe na Leta

Andi mahitamo ufite, niba ufite impungenge ku bijyanye n’uburezi bwihariye bw’umwana wawe, ni ukwandikira urwandiko rugaragaza ikirego kinyuze mu mategeko ya Leta cyo kurega urwego rw'uburezi rubishinzwe, maze ukagishyikiriza Ibiro bishinzwe Uburezi bw'Abana Bwihariye byo mu Ishami rishinzwe Uburezi N'Abakozi muri Ohio (Ohio Department of Education and Workforce’s Office for Exceptional Children).

NTA KIGUZI GISABWA CYO KUBA WATANGA IKIREGO CYEMEWE NA LETA

Nta kiguzi gisabwa cyo kuba watanga ikirego cyemewe na Leta Uburyo bw'Ikirego cyemewe na leta muri rusange butuma ikibazo gikemuka byihuse kuruta iburanisha ry'urukiko ry'uburyo bwemewe kandi haba harimo guhangana guke (cyangwa amakimbirane) kuruta iburanisha ry'urukiko. Gutanga ikirego cyemewe na Leta, ugomba kohereza ikirego gisinye (verisiyo y'umwimerere) ku Ibiro by’Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye, kandi ugomba kohereza *kopi* y'ikirego uwo mwanya ku ikigo cy'uburezi.

Ikirego cyawe kigomba kuba kirimo inyandiko y'ibirego byo kurenga kumabwiriza ya leta cyangwa ibisabwa muburezi bwihariye (ikirego cyo kurenga ku itegeko rigenga Uburezi bw'Ababana n'Ubumuga cyangwa Itegeko rya Ohio

Amahame Y'imikorere ku Uburezi bw'Abana babana n'Ubumuga). Ikirego ntikigomba kuba kirimo izina cyangwa umurongo w'itegeko runaka, ariko kigomba kugaragaza igikorwa runaka cyangwa ikitarakozwe n'ikigo cy'uburezi cyatumye wizera ko cyarenze ku bisabwa by'uburezi bwihariye. Ikindi kandi, ugomba gushyiramo ibimenyetso mu ikirego kugira ngo ugaragaze impamvu utekereza ko ikigo cy'uburezi cyarenze kumabwiriza agenga uburezi bwihariye.

GUSUZUMA IKIREGO CYEMEWE NA LETA

Ibiro by'Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye bizasuzuma kandi, nibiba ngombwa, bikore iperereza ku ikirego cyatanzwe neza kandi bimenye niba ikigo cy'uburezi cyararenze ku bisabwa by'uburezi bwihariye bifitanye isano n'uburezi bw'umwana wawe. Ikindi kandi, undi muntu- ni ukuvuga umuntu utari wowe, cyangwa ikigo cyangwa umuryango utari ikigo cy'uburezi - ushobora gutanga ikirego cyemewe ku Ishami mu gihe bumva ko ikigo cy'uburezi cyarenze kumabwiriza y'uburezi bwihariye areba umunyeshuri.

Ikirego cyemwe na leta gishobora gushyikirizwa Ishami igihe icyo ari cyo cyose mu igihe *cy'umwaka umwe* wo kudakurikiza itegeko ry'uburezi bwihariye. Ikirego cyose kivuga ko habayeho kwica itegeko hakaba hashize umwaka urenze umwe uhereye ku itariki ikirego cyatangiweho, ntabwo kizakorerwa iperereza/gukemurwa.

NI GUTE BATANGA IKIREGO CYEMEWE NA LETA

Niba wifuza gutanga ikirego cyemewe na Leta ku ibijyanye n'uburezi bwihariye, ugomba:

- Kuzuza ifishi y'ikirego cyemewe na leta DEW ipaji ya interineti yo gukemura amakimbirane; cyangwa
- Wandike ibaruwa yo kurega hanyuma uyohereze ku ishami ukoresheje iposita cyangwa imeyili; cyangwa
- Uhamagara umukozi w'Ibiro by'Ishami by'Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye kuri 1-877-644-6338 usabe ifishi yo gutanga ikirego, uzuzuza hanyuma ukayijyana ku Ishami.

Ibyo ugomba Gushyiramo mukirego cyemewe na Leta

- Inyandiko ivuga ko ikigo gishinzwe uburezi cyarenze kumabwiriza ya leta cyangwa y'ikigo gishinzwe uburezi cyarenze kubisabwa muburezi bwihariye
- Ibisobanuro by'ikibazo, harimo n'ibimenyetso washingiyeho utanga ikirego
- Umwirondoro wawe n'umukono w'umwimerere
- Niba uvuga ko habayeho kwica ibijyanye n'uburezi bwihariye ku umwana
- Izina na aderesi y'aho umunyeshuri atuye
- Izina ry'ishuri umunyeshuri yigaho
- Mu gihe ari umwana cyangwa urubyiruko adafite aho aba (nk'uko bisobanurwa n'itegeko rya McKinney-Vento rifasha abatagira aho kuba), uzuzaho umwirondoro w'umunyeshuri n'izina ry'ishuri uwo munyeshuri yigaho
- Ibisobanuro by'imiterere y'ikibazo, harimo n'ibimenyetso bifitanye isano n'ikibazo
- Umuti nyawo wo gukemura ikibazo kurugero ruzwi kandi uboneka kuruhande rundi igihe ikirego cyatangwaga
- Ikirego kigomba gushyirwaho umukono.

Wibuke ko ibirego bitagaragaza ba nyirabyo bitazemerwa.

NIHE WAKOHEREZA IKIREGO CYAWE

Ikirego cyawe kigomba koherezwa *hose* ku Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio ku ibiro bishinzwe Uburezi bw'Abana Bihariye k'umuyobozi w'ikigo cy'ishuri cya leta igihe kimwe

Ohereza kopi y'umwimerere ku:
Ishami rishinzwe Uburezi N'Abakozi muri Ohio ku Ibiro bishinzwe Uburezi bw'Abana Bihariye
(Ohio Department of Education and Workforce's Office for Exceptional Children)
Umuyobozi Wungirije w'Igice Gishinzwe Ikemura ry'Amakimbirane
25 South Front Street, Mail Stop 409
Columbus, Ohio 43215-4183
Kuri imeyili: oeccomplaints@education.ohio.gov

GUHAGARIKA IKIREGO

Guhagarika ikirego bivuze gushyira ibibazo biri mu ikirego cyemewe na Leta mugutegereza. Niba wowe n'ikigo cy'ishuri muri mw' iburanisha ry'urukiko ryo kureba uburyo bwemewe, ndetse wowe cyangwa ikigo cy'ishuri hanyuma mugatanga ikirego cyemewe na Leta ku ikibazo kimwe nyine, Ishami rya Ohio Rishinzwe Uburezi n'Abakozi(Department of Education and Workforce) rizashyira ikirego cyemewe na leta mugutegereza. Mu yandi magambo, Ishami rizategereza kugeza igihe urubanza rw'uburyo bwemewe ruzaba rwarangiye mbere yo gukemura ikibazo cyawe. Nukura ubusabe bwawe bw'iburanisha rirebana n'uburyo bwemewe ry'urukiko, Ishami rizakuraho guhagarika ku ikirego cyemewe na leta ikirego cya leta hanyuma rikomeze gukemura ikibazo cyawe.

Iyo habaye iburanisha rirebana n'uburyo bwemewe ry'urukiko kandi umwanzuro ukaba wafashwe n'umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye (Impartial Hearing Officer (IHO)), icyo gihe Ishami rizakuraho ugutegereza ku kirego cyemewe na leta kugira ngo gikemurwe gusa mu gihe hakiri ibibazo biri mu ikirego cyawe bitafashweho umwanzuro n'umukozi ushinzwe iburanisha.

UBURYO BWO GUKEMURA IKIBAZO CYEMEWE NA LETA

Iyo Ishami ryakiriye ikirego cyawe cyemewe na leta, igihe cyose cyaba cyatanzwe neza, ruzatangira kugisuzuma kandi, mu gihe bibaye ngombwa, rukore iperereza ku ibivugwa ko habayeho kwica ibisabwa bigenga uburezi bwihariye. ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye, kandi bigomba gukemura ikibazo mu iminsi 60 uhereye igihe cyakiriweho.

Nk'ubwo buryo bumwe bw'ikirego, ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye:

- Bizasuzuma ikirego cyawe kandi bifate umwanzuro niba bifite ububasha bwo gukemura ibyo uregera biri mu ikirego cyawe
- Bazabwira wowe n'ikigo cy'uburezi mu inyandiko ibirego bizakemura, harimo n'iperereza (niba ari ngombwa)
- Gutanga ubuhuza cyangwa gufashwa kuri wowe n'ikigo cy'uburezi nk'uburyo bundi bwo gukemura ikibazo
- Kubaza amakuru y'inyongera ashobora gukenerwa nawe ndetse n'ikigo cy'uburezi kubyo uregera biri mu ikirego cyawe
- Gusuzuma izindi nyandiko n'amakuru yatanzwe nawe ndetse n'ikigo cy'uburezi, gukora ibiganiro kuri telefoni no gusura ikigo gishinzwe uburezi bw'umwana wawe, mu igihe cyemejwe ko ari ngombwa
- Guha amahirwe ikigo cy'uburezi cyawe yo kuba cyagushakira igisubizo ku ikirego cyawe kandi kiguhe umwanzuro
- Kwandika ibaruwa ikumenyesha wowe n'ikigo cy'uburezi umwanzuro wabyo niba hari ibyishwe mu uburezi bwihariye byabayeho (nyuma yo kurangiza isuzuma no gukora iperereza, niba ari ngombwa, kandi bitarenze iminsi 60 uhereye ku itariki byakiriyeho ikirego cyawe)

KONGERA IGIHE

Ishami rishobora kugira iminsi irenga 60 yo gukemura ikibazo no gutanga ibaruwa igaragaza umwanzuro waryo, mu igihe habayeho kongererwa igihe. Ongererwa igihe cy'iminsi 60 cyo gukemura ikibazo cyemewe na leta gishobora kongerwa igihe:

- Wowe n'ikigo gishinzwe uburezi mwemeranya ku igihe cy'inyongera kugira ngo mwembi mushobore kugerageza gukemura ikibazo muburyo bwo guhuzwa, gufashwa, cyangwa ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane, cyangwa igihe
- Hariho imimerere idasanzwe (byagaragajwe n'ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye: kuri buri muntu ku giti cye).

IKIREGO CYOHEREJWE NABI

Niba ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye cyemeje ko utatanze ikirego cyemewe na leta muburyo bukwiriye kubera ko utashyizemo amakuru yose akenewe kukibazo wifuza ko gikemurwa, cyangwa se niba ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye bidafite ububasha bwo gukora iperereza kuri icyo kirego, ibiro bishinzwe Abana Bahabwa Uburezi Bwihariye bizakohererereza ibaruwa isobanura impamvu kidakomeje gukemura ikibazo cyawe, impamvu y'icyo cyemezo, kandi, niba ari ngombwa, amakuru ugomba gushyiramo mukirego gishya kugira ngo kibonwe ko cyatanzwe mu buryo bukwiriye.

KONGERA KOHEREZA IKIREGO

Niba ugiye kongera gutanga ikirego ufite amakuru mashya, menya neza ko wohereje ikirego ku Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio no ku ikigo cy'uburezi mu igihe cy'umwaka umwe igihe kwica ibijyanye n'uburezi bwihariye byabereye. Niba mu ikirego cyawe harimo ibibazo Ishami ridafitiye ububasha bwo gukemura, rizakwereka uburyo bwo gukemura ibyo bibazo, nk'uko bikwiye.

Gutanga Ikirego

- Ikirego gitangwa mu igihe cy'umwaka umwe uhereye igihe icyaha cyabereye.
- Ababyeyi baha kopi y'umwimerere Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio, ndetse na kopi ku ikigo cy'uburezi.
- Icyo kirego kivuga ko hari ibikorwa byo kwica amategeko byakozwe mu mashuri yihariye, kandi kigashyigikirwa n'ibimenyetso bifatika.

Ishami rya Ohio rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi Risuzuma Ikirego

Ishami ryohereza ibaruwa yo kwemeza ko rwakibonye kuwatanze ikirego n'ikigo cy'uburezi.

Ishami ryohereza ibaruwa yuko ikirego kidahagije igihe ikirego kitujujwe neza cyangwa niba Ishami nta bubasha rufite bwo kugikemura.

Gusubiramo

Ishami risuzuma inyandiko zose kandi rigasaba inyandiko zinyongera/ amakuru yinyongera nkuko bikenewe.

Ishami rishobora kubaza abantu bakwiriye, mu gihe bikenewe.

Ishami Ryohereza Ibaruwa y'Ibyabonywe

Ishami ni ryo ryemeza ibijyanye n'ikirego ndetse niba niba harimo kwica ibisabwa mu uburezi bwihariye.

Ishami ritanga ingamba zo gukosora aho ikigo cy'uburezi cyagaragaye ko cyarenze kumabwiriza.

Gutanga Ikirego cy'Iburanishwa cy'Uburyo Bwemewe

Uburyo bumwe ushobora gukemuramo impungenge zimwe na zimwe ku ibijyanye n'uburezi bwihariye bw'umwana wawe n'ikigo cyabo cy'uburezi, ni ugushyikiriza mu uburyo butaziguye ikigo cy'uburezi icyifuzo cyo kuburanishwa mu uburyo bukwiriye, ndetse ugaha kopi Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi. Iyo ukoze ibi, uba watanze ikirego cy'iburanishwa rirebana no gukurikiza uburyo bwemewe (nanone cyitwa gukora ubusabe bw'iburanisha ry'uburyo bwemewe).

Hari n'abandi bashobora gutanga ikirego cyo kuburanisha ku birebana n'uburyo bwemewe:

- Umunyeshuri, niba afite nibura imyaka 18
- Ikigo cy'uburezi

IMPAMVU ZO GUTANGA IKIREGO

Gutanga ikirego cy'uburyo bukwiye bishobora gukorwa ku impungenge zifitanye isano n'ibice bikurikira by'uburezi bwihariye bw'umwana wawe:

- Kumenya umwana ubana n'ubumuga
- Gusuzuma umwana ubana n'ubumuga
- Aho umwana ubana n'ubumuga ashyirwa yiga
- Ugutangwa k'Uburezi buboneye kandi butangwa ku buntu (Free Appropriate Public Education (FAPE) k'umwana wawe

Ikirego cy'uburyo bukwiye kigomba kugaragaza ko amategeko y'Igihugu cyangwa leta ajyanye n'uburezi bwihariye yishwe kandi kigomba gutangwa mu igihe kitarenze *imyaka ibiri* uhereye igihe umubyeyi (cyangwa ikigo cy'uburezi cya leta cyatangiye ikirego) yamenye cyangwa yagombaga kuba yaramenye ko amategeko y'uburezi bwihariye yishwe.
Mu igihe Ishami Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi muri Ohio ryakiriye ikirego cy'uburyo bwemewe, ababyeyi n'ikigo cy'uburezi bireba bagomba kugira amahirwe yo kwitabira iburanisha ry'icyo kirego. Iburanisha ry'urubanza rurebana n'uburyo bwemewe ni inzira z'urukiko zemewe aho umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye ashyirwaho n'Ishami kugira ngo akore iburanisha ryo gukemura ikibazo kiri mu kirego cy'uburyo bwemewe.

AMAKURU AGOMBA KUBA ARIMO

Ishami ritanga ifishi ishobora ishobora gukoreshwa mu ugusaba iburanisha ryemewe n'amategeko. Umuntu cyangwa ikigo cy'uburezi cya leta gitanga icyifuzo ntigishobora gukoresha , ifishi y'Ishami, ariko uwo muntu cyangwa ikigo kigomba gushyiramo aya makuru asabwa mu igihe cyo gutanga ikirego kirebana n'uburyo bukwiye.

1. Izina ry'umunyeshuri
2. Aderesi y'umunyeshuri cyangwa amakuru y'abo wahamagara/wakwandikira
3. Izina ry'Ikigo cy'Uburezi
4. Niba umwana we atagira aho aba, amakuru yo guhamagara/kwandikira umwana wawe n'ikigo yigaho
5. Ubusobanura bw'ikibazo umwana wawe afite ndete n'ibimenyetso by'icyo kibazo
6. Ibitekerezo cyangwa ibyifuzo byo gukemura ikibazo

Ikirego kigomba kuba kirimo amakuru arambuye ahuye n'amakuru arambuye yo mu ikirego cyemewe na leta (reba ku ipaji ya 16); ariko, ntabwo umukono w'umwimerere ari ngombwa. Gishobora gushyikirizwa ikigo cy'uburezi n'Ishami imbona nkubone, hakoreshejwe iposita, fagisi, cyangwa imeyili. Ibibazo bitavuzwe mu kirego cyawe cy'uburyo bwemewe cy'ibanze ntabwo bizasuzumwa n'umukozi ushinzwe iburanisha mu gihe cy'iburanisha rirebana n'uburyo bwemewe.

KUVUGURURA IKIREGO CY'UBURYO BWEMEWE

Kuvugurura ikirego ni ugushyira amakuru ajyanye n'igihe mu ikirego nyuma y'uko cyamaze gushyikirizwa Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio. Ushobora kuvugurura ikirego cyawe cy'imikorere y'uburyo bwemewe gusa niba:

- Urundi ruhande rwemera inyandiko yavuguruwe y'ikirego cy'uburyo bwemewe, mu nyandiko, kandi rugahabwa amahirwe yo gukemura ikibazo binyuze mu nama yo gukemura ibibazo (inama yo gukemura ibibazo isobanurwa ku ipaji ya 23), cyangwa
- Umukozi ushinzwe iburanisha atanze uruhushya. Umukozi ushinzwe kuburanisha ashobora gutanga uruhushya nk'urwo kugeza ku iminsi itanu mbere y'uko iburanisha ritangira, ariko atari nyuma y'aho.

Igihe ntarengwa n'uburyo bwo gutanga ikirego cy'uburyo bwemewe n'amategeko.

Niba watanze ikirego urega ikigo cy'uburezi cy'umwana wawe ku birebana no gukora mu buryo bukurikiza amategeko, mu iminsi 10 ubariye kuri kalendari nyuma yo kwakira ikirego cyawe, ikigo cy'uburezi kigomba kuguha itangazo ryanditse ritangwa mbere cyangwa kikaguha igisubizo ku bijyanye n'icyaha gikekwa cyo kurenga ku mabwiriza y'uburezi bwihariye, keretse iyo ikigo cy'uburezi kimaze kuba cyaratanze iryo tangazo mbere.

Itangazo ryanditse ritangwa mbere ikigo cy'uburezi kiguha rigomba kuba rikubiyemo ibi bikurikira:

- Igisobanuro cy'igikorwa icyifuzo cyawe cyangwa ikirego cy'uburyo bwemewe gishingiyeho. Iki gishobora kuba igikorwa ikigo cy'uburezi cyashakaga gukora cyangwa igikorwa cyanze gukora. Ikigo cy'uburezi kandi kigomba gusobanura mu igisubizo cyacyo impamvu ishuri ryashatse gukora igikorwa cyangwa ryanze gukora igikorwa.
- Ibisobanuro by'uburyo bwose bwakoreshejwe mu ugusuzuma umwana wawe, inyandiko zijyanye n'umwana wawe, na raporo ikigo cy'uburezi cyakoresheje mu ugufata icyemezo cyo gukora igikorwa cyangwa kutagikora
- Ibisobanuro kuyandi mahitamo itsinda rya IEP ryatekereje ku umwana wawe n'impamvu yatumye ryanga ayo mahitamo
- Ibisobanuro by'ibindi bintu byari bifite aho bihuriye n'icyemezo cy'ikigo cy'uburezi cyo gukora igikorwa cyangwa kutagikora

Ikigo cy'uburezi kigomba kandi kuguha amakuru ajyanye n'ubufasha bw'amategeko kubuntu cyangwa kugiciro gito n'izindi serivisi z'ijyanye nabyo ushobora kubona.

Niba hari ikirego kirebana no gukurikiza uburyo bwemewe cyatanzwe kikurega wowe nk'umubyeyi, ugomba gusubiza icyo kirego mu igihe kitarenze iminsi 10. Igisubizo cyawe kigomba kwita by'umwihariko ku bibazo byagaragajwe mu gutanga ikirego

Ibihagije

Ikirego kirebana no gukurikiza uburyo bwemewe cyatanzwe kizafatwa nk'igihagije (bisobanuye ko cyatanzwe neza) *keretse* iyo undi muntu amenyesheje umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye ndetse n'uruhande rwatanze ikirego avuga ko kitujuje ibisabwa (bisobanuye ko kidahagije). Urundi ruhande rugomba kubaza niba ikirego kirebana no gukurikiza uburyo bwemewe gihagije, mu nyandiko, mu minsi 15 y'ingengabihe uhereye igihe ikirego cyakiriweho.

Urugero, niba utanze ikirego kirebana no gukurikiza uburyo bwemewe urega ikigo cyawe cy'uburezi (kandi ukoherereza kopi yacyo Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio), kizemerwa ko gihagije keretse iyo ikigo cy'uburezi kimenyesheje umukozi ushinzwe iburnisha, mu igihe cy'iminsi 15, ko gitekereza ko icyifuzo cyawe kitatanzwe mu buryo bukwiriye. Hanyuma, umukozi ushinzwe iburanisha aba afite iminsi itanu urebeye kuri kalendari uhereye igihe yakiriye itangazo ryanditse ry'ikigo cy'uburezi kugira ngo afate icyemezo niba ikirego cy'uburyo bwemewe cyanyu gihagije (ko cyujuje ibisabwa mu uburyo bukwiriye bwo kuburanisha ibirego byagaragajwe ku ipaji ya 22) Umukozi ushinzwe iburanisha kandi agomba kohereza icyemezo cye kuri wowe n'ikigo cy'uburezi, mu inyandiko, mu iminsi 15.

Niba umukozi ushinzwe iburanisha afashe icyemezo cy'uko ikirego cyawe kidahagije, ufite amahitamo yo kongera gutanga ikiregocyangwa kuvugurua ikirego kirebana n'uburyo bwemewe, igihe cyose

ikigo cy'uburezi gitanga uburenganzira kandi gifite amahirwe yo gukemura ikibazo binyuze mu inama yo gukemura ikibazo cyangwa umukozi ushinzwe iburanisha atanga uruhushya bitarenze iminsi itanu mbere y'uko iburanisha ritangira.

Niba uvuguruye ikirego cyawe neza, igihe cy'iminsi 30 cyo gukemura ikibazo gitangira igihe utangiye ikirego kivuguruye.

Igihe cyo gufata umwanzuro

Igihe cyo gukemura ikibazo ni igihe kiri hagati yo gutanga ikirego cy'uburyo bwemewe n'igihe cy'iburanisha cya nyacyo. Igihe cyo gukemura ikibazo kirimo inama yo gukemura ikibazo, itanga amahirwe, indi nshuro nanone, yo gukemura amakimbirane y'uburezi bwihariye mbere yuko iburanisha ritangira. Niba watanze ikirego cy'uburyo bwemewe ariko ukananirwa kwitabira umukoro wo gukemura ikibazo, ibi bizatinda itangira ry'ibihe by'ikirego (ibindi ku bihe biri hasi).

Igihe cyo gukemura ikibazo n'iminsi 30 uhereye ku itariki ikirego cyatanzweho (cyangwa guhera ku itariki ikirego cyavuguruwe neza). Niba ikigo cy'uburezi kitarakemuye ikibazo mu buryo bukunyuze mu igihe cy'iminsi 30, iburanisha ry'urubanza rw'uburyo bwemewe rishobora gukomeza. Iyo igihe cy'iminsi 30 cyo gukemura ikibazo kirangiye, haba hari igihe cy'iminsi 45 cyo kuburanishwa ndetse kandi n'umukozi ushinzwe kuburanisha udafite aho abogamiye agafata umwanzuro (reba ku ipaji ya 22), keretse niba wowe n'ikigo cy'uburezi mwemeranyije ko guhuzwa bishobora gufata iminsi irenze 30. Kandi menya ko iminsi 30 yo gukemura ikibazo ishobora kurangira ndetse na mbere muri iyo minsi 30, wowe hamwe n'ikigo cy'uburezi mwemera mu inyandiko ko ntamasezerano ashoboka.

Iburanisha ry'uburyo bwemewe ry'ukuriko rikozwe n'umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye

Iyo ikirego kidashoboye gukemurwa, bizatuma habaho iburanisha ryemewe riyobowe n'umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye. Umukozi ushinzwe iburanisha agomba kuba umunyamategeko watojwe n'Ishami Risinzwe uburezi n'Abakozi muri Ohio kugira ngo akore iburanisha ryemewe n'amategeko.

Ikigo cy'uburezi cyishyura ikiguzi cy'umukozi ushinzwe iburanisha; ariko, uyu muntu ni umuntu utagira aho abogamiye, uyu atoranywa muburyo rusange. Ntabwo akoreshwa n'ikigo cy'uburezi gifite aho gihuriye n'uburezi kandi ntashobora kuba afite inyungu ze bwite cyangwa iz'umwuga zatuma ashyigikira uruhande rumwe.

Byongeye kandi, umukozi ushinzwe iburanisha azi neza ibisabwa ku uburezi bwihariye, harimo IDEA, amategeko n'amabwiriza ya leta n'amategeko y'ubutabera n'uburyo inkiko zisobanura imanza z'uburezi bwihariye.

Nyuma y'iburanisha, umukozi ushinzwe iburanisha azandika icyemezo hakurikijwe imikorere isanzwe y'amategeko.

Mu igihe cy'iminsi 30 yo gukemura ikibazo, no mu minsi 15 ya mbere y'ingengabihe yo kwakira ikirego cy'uburyo bwemewe, ikigo cy'uburezi kigomba gutegura inama yo gukemura ikibazo. Niba ikigo gishinzwe uburezi kidakoze inama yo gufata imyanzuro mu iminsi 15 cyangwa kititabiriye inama gukemura ikibazo, ushobora gusaba umukozi ushinzwe iburanisha gutangira iminsi 45 yo kuburanisha urubanza rw'uburyo bwemewe. Ikigo cy'uburezi ntikigomba gutegura inama yo gukemura ikibazo niba cyaratanze ikirego cyo ikirego

INAMA YO GUFATA UMWANZURO

Intego y'inama yo gufata umwanzuro ni uguha amahirwe yo kuganira ku ibibazo biri mu ikirego no kugira ngo ikigo gishinzwe uburezi kigire amahirwe yo gukorana nawe mu gufata umwanzuro. Ikigo gishinzwe uburezi nicyo gishinzwe gutangiza inama yo gufata umwanzuro, kandi nawe ugomba kuyijyamo. Niba utitabiriye inama yo gufata umwanzuro kandi ikigo cy'uburezi kikagaragaza ko utayitabiriye, ikigo cy'uburezi gishobora gusaba umukozi ushinzwe iburanisha gutesha agaciro ikirego cyawe mu igihe cy'iminsi 30.

Wowe n'ikigo cy'uburezi mufata umwanzuro w'abagize itsinda rya IEP bagomba kwitabira inama yo gufata umwanzuro. Iyi nama igomba kuba irimo uhagarariye ikigo cy'uburezi ufite ububasha bwo gufata ibyemezo mu kigo cy'uburezi.

Umunyamategeko w'ikigo cy'uburezi ntazitabira iyi nama keretse niba uhisemo ko umwunganizi wawe aba ahari. Iyi nama ni intambwe isabwa mu uburyo bwo gukemura ikibazo keretse wowe n'ikigo cy'uburezi mwemeranyije mu inyandiko ko mutazakora inama yo gufata umwanzuro, cyangwa wowe n'ikigo cy'uburezi mwemeranyije gukoresha ubuhuza mu mwanya w'inama yo gufata umwanzuro. Wowe n'ikigo cy'uburezi mwemerewe guhuzwa nyuma y'igihe cy'iminsi 30 yo gukemura ikibazo niba mwembi mwemeye kubikora. Ibi bizatuma iminsi 45 y'iburanisha ry'uburyo bwemewe no gufata icyemezo bidatangira.

Niba wowe n'ikigo gishinzwe uburezi mukemuriye amakimbirane yanyu mu inama yo gufata umwanzuro, mwembi mugomba gusinya amasezerano yubahirije amategeko:

- Ivuga mu inyandiko ibizabaho ubu
- Isinywe n'umwe muri mwe hamwe n'uhagarariye ikigo cy'uburezi
- Urukiko rushobora kubishyira mubikorwa

Ibikurikije amategeko bivuze ko guhuza bivuze ko niba wowe cyangwa ikigo cy'uburezi mudakurikije amasezerano, urukiko rushobora gusaba wowe cyangwa ikigo cy'uburezi kubikurikiza.

Niba wowe cyangwa ikigo cy'uburezi mufashe icyemezo cyo kutemera nyuma yo gusinya amasezerano, umwe muri mwe ashobora guhagarika amasezerano mu minsi itatu y'akazi nyuma yo kuyasinya.

Niba wowe n'ikigo cy'uburezi mwafashe umwanzuro w'ubwumvikane urebana n'ikirego cyemewe n'amategeko iminsi 30 yo gufata umwanzuro itararangira, icyo kirego kizafungwa kandi nta rubanza rwo kuburanishwa ruzabaho.

Uburyo bwo kuburanishwa

Iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko rigomba gutegurwa kandi rigakorerwa ahantu n'igihe byoroheye wowe n'ikigo cy'uburezi. Umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye azakuvugisha wowe n'ikigo cy'uburezi icyarimwe mu igihe hakenewe ibiganiro mu igihe cy'iburanisha. Mu yandi magambo, imishyikirano yose hagati y'umukozi w'iburanisha udafite aho abogamiye, wowe, n'ikigo cy'uburezi izabera hamwe kandi ntizaba itandukanye.

Mu gihe cy'iminsi 45 harimo iburanishwa ry'urubanza ndetse n'igihe umukozi ushinzwe iburanisha utagira aho abogamiye agomba gufata umwanzuro. Igihe cy'iminsi 45 cy'iburanisha gitangira nyuma y'iminsi 30 yo gukemura ikibazo irangiye, cyangwa nyuma y'uko kimwe muri ibi bikurikira kibaye:

- Wowe n'ikigo cy'uburezi mwemeranya mu inyandiko gukuraho (ko mutazakora) inama yo gufata umwanzuro, cyangwa
- Igihe umaze gutangira kuganira ku ibibazo mu inama yo gufata umwanzuro cyangwa mu inama yo guhuzwa, wowe n'ikigo cy'uburezi mwemeranya mu inyandiko ko nta amasezerano ashoboka, cyangwa

- Wowe n'ikigo gishinzwe uburezi mwemeranya mu inyandiko kurenza iminsi 30 yo gufata umwanzuro kugira ngo mukomeze gukemura ikibazo, hanyuma wowe cyangwa ikigo cy'uburezi mushobora uburyo bwo guhuzwa.

Keretse igihe umukozi w'iburanisha udafite aho abogamiye yemera gutanga igihe kinini (cyangwa mu yandi magambo, agaha igihe cy'inyongera), bisabwe n'umwe mu impande zombi mu igihe cy'iminsi 45 y'iburanisha, ibi bikurikira bizakorwa:

- Iburanishwa rigomba kuba
- Icyemezo cy'iburanisha kigomba kugerwaho; kandi
- Kopi y'uwo mwanzuro igomba koherezwa n'umukozi w'iposita ubifitiye wemewe kuri wowe n'ikigo cy'uburezi, ndetse no ku Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio.

Nibura iminsi itanu mbere y'uko iburanisha ritangira, wowe n'ikigo cy'uburezi mugomba kwitabira inama yo gutanga amakuru. Iki ni ikiganiro kigamije kureba neza ko wowe n'ikigo cy'uburezi mufite amakuru azatangazwa mu iburanisha

UBURENGANZIRA BWO KUBURANISHWA

Mu iburanisha ry'uburyo bwemewe, ufite uburenganzira bwo:

- Kuba ufite umwana wawe ugiye kuvugwaho mu iburanisha
- Gusaba ko iburanisha ryitabirwa n'abaturage
- Kugira ukunganira cyangwa abantu bafite ubumenyi bwihariye ku abana babana n'ubumuga kuba bari kumwe nawe kandi bakakugira inama
- Kwerekana ibimenyetso (ibihamya), kubaza, kubaza kugira ngo usuzume ukuri (ibibazo) kw'abatangabuhamya no gusaba abatangabuhamya kwitabira (nanone, iburanisha rizaba rivuga gusa ku ibibazo wavuze mu ikirego cyawe cy'urubanza, keretse niba ikigo cy'uburezi kikwemereye kuvuga ibindi bibazo bishya)
- Kwanga ibimenyetso byose byagaragajwe utari warigeze ubonaho nibura mu iminsi itanu y'akazi mbere y'uko iburanisha ritangira
- Nta kiguzi watswe, uzabona inyandiko y'ijambo kurindi y'ibyabaye mu iburanisha (cyangwa mu buryo bwa elegitoroniki, niba ubishaka) hamwe n'inyandiko zose z'ibyabonywe ndetse n'imyanzuro

Niba uri kumwe n'abunganizi batari abunganzi mumategeko

Niba uri kumwe n'abakunganira, batari abunganizi mumategeko, ntibafite uburenganzira bwo guhabwa ikiguzi cy'abunganizi mumategeko (cyangwa ikiguzi cy'imirimo yabo) avuye ku uwundi muntu. Umwunganizi ntashobora gukora iby'amategeko mu iburanisha, kandi uruhare rw'umwunganzi rushobora kugabanywa mu gihe cy'urubanza.

Uburyo Bwihutishijwe bwo Gutanga Ikirego n'Igihe Bimara

Iburanisha ry'uburyo bwemewe ryihutishijwe ni iburanisha rifite igihe cyihuse rifasha gukemura byihuse amakimbirane amwe n'amwe y'uburezi bwihariye. Yaba wowe cyangwa ikigo cy'uburezi, mushobora gusaba ko iburanisha ry'uburyo bwemewe ry'urubanza ryakwihutishwa muri ibi bihe gusa iyo:

1. Ntimwemeranya n'icyemezo cy'ikigo cy'uburezi ku ibijyanye n'ishuri umwana wawe yashyizweho (porogaramu cyangwa serivisi), kandi ibi byatewe n'uko ishuri ryahannye umwana wawe; cyangwa
2. Ntiwemeranya n'ibikorwa byakozwe; cyangwa

3. Ikigo gishinzwe uburezi cyemera ko aho umwana wawe yiga ubu (muri porogaramu cyangwa serivisi) bishoboka cyane ko umwana wawe yakomereka cyangwa agakomeretsa abandi.

Igihe cyo kwihutisha ikirego cy'uburyo bwemewe kirimo igihe cyo gukemura ibibazo cy'iminsi 15 n'igihe cyo kuburanisha cy'iminsi 20 y'amasomo. Ikigo gishinzwe uburezi kigomba gutegura inama yo gukemura ikibazo mu iminsi irindwi y'ingengabihe uhereye igihe cyakiriye ikirego cy'uburyo bwemewe. Nyuma y'uko iburanisha ryihutishijwe rirangiye, umukozi ushinzwe iburanisha aba afite iminsi 10 y'amasomo yo kwandika umwanzuro wa nyuma maze akawuha wowe n'ikigo cy'uburezi. Nta gihe cy'inyongera kizongerwa mu gihe cyo kwihutisha ikirego cy'uburyo bwemewe.

Kujuririra umwanzuro

Icyemezo cyafashwe n'umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye, nyuma yo kumva urubanza ni icyanyuma keretse iyo urenganyijwe agejeje ubujurire bwe ku Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi mu igihe cy'iminsi 45 uhereye igihe hafatiwe umwanzuro. Uwarenganyijwe ni umubyeyi cyangwa ikigo gishinzwe uburezi iyo icyemezo cy'umukozi ushinzwe iburanisha kitamushimishije (bivuze ko uwo urwo ruhande rutabyishimiye).

NI GUTE BAJURIRIRA IMYANZURO Y'UMUKOZI USHINZWE IBURANISHA

Kujuririra icyemezo cy'umukozi ushinzwe iburanisha, ugomba kohereza kopi y'ubujurire bwawe mu inyandiko ku Ishami ndetse kopi y'ubujurire kuri umuyobozi w'ikigo cy'ishuri cya leta Ishami rizashyiraho umukozi ushinzwe gusuzuma ku rwego rwa leta (cyangwa "umukozi ushinzwe gusuzuma") kugira ngo akore isuzuma ridafite aho ribogamiye ry'icyemezo cy'urubanza rw'uburyo bwemewe n'amategeko. Ishami rya Ohio Rishinzwe Uburezi ndetse n'Abakozi rizishyura umukozi ushinzwe isuzuma.

Umukozi ushinzwe isuzuma azasuzuma inyandiko z'ibyabaye mu iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko ryose. Byongeye kandi, umukozi ushinzwe isuzuma azareba neza ko iburanisha ry'uburyo bwemewe ryakurikije ibisabwa mu buryo bukwiye kandi ashake ibimenyetso by'inyongera nk'uko byemejwe ko ari ngombwa. Umukozi ushinzwe gusuzuma ashobora kugusaba ingingo zawe mu magambo cyangwa mu inyandiko, wowe n'ikigo cy'uburezi. Niba umukozi ushinzwe isuzuma akoze iburanisha kugira ngo asuzume ingingo zatanzwe mu magambo, uburenganzira bwose bwo kuburanishwa (reba ku ipaji ya 25) uhabwa mw'iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko, ni nabwo uzahabwa mu iburanisha imbere y'umukozi ushinzwe isuzuma.

IBIHE/KONGERA IBIHE

Mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma y'uko Ishami ryakiriye icyifuzo cyawe cyo gusuzuma ku rwego rwa leta, umukozi ushinzwe isuzuma azatanga umwanzuro, keretse iyo yemeye kongera igihe, gishobora gusabwa n'umubyeyi cyangwa ikigo cy'uburezi (gusa, menya ko igihe cyo kongererwa igihe kidashobora gutangwa mu igihe cy'ubujurire burebana n'iburanisha ryihutishijwe). Ushobora no gusaba kopi z'inyandiko cyangwa inyandiko z'ijambo ku irindi za elegitoronike zo z'ibyavuye mu isuzuma ryakozwe n'umukozi ushinzwe igenzura ndetse n'ibyemezo bye.

KUJURIRIRA UMWANZURO W'URUKIKO RWA LETA

Umwanzuro w'isuzuma rya leta ni ndakuka keretse iyo ujuririwe mu urukiko rwa leta. Uruhande rwatsinzwe (rutishimye) k'umwanzuro w'umukozi ukora isuzuma rufite uburenganzira bwo kugeza ikirego mu rukiko rw'akarere mu igihe kitarenze iminsi 90 uhereye kumunsi w'icyemezo cy'umukozi ushinzwe igenzura cyangwa murukiko rushinzwe ibirego rusange rw'intara ikorerwamo n'ikigo cy'uburezi mu minsi 45 uhereye ku munsi wo kubwirwa ibyemezo by'umukozi ushinzwe igenzura. Urukiko ruzasuzuma inyandiko z'urubanza, rwumve n'ibindi bihamya bisabwe n'impande zombi, hanyuma rufate umwanzuro wa nyuma rushingiye ku inyandiko n'ibimenyetso byatanzwe. Ugomba kwishyura ikiguzi cy'urukiko ku ubujurire watanze mu rukiko, ariko niba utsinze, ushobora guhabwa amafaranga y'urukiko n'ay'umwunganizi ku ubusabe bw'urukiko.

Imiterere y'umwana mu igihe cyo gukuririkirana ikirego cy'uburyo bwemewe n'amategeko

- Umwana wawe agomba kuguma cyangwa gukomeza mukigo cy'amashuri arimo mu gihe ikirego gikomeje, keretse wowe n'ikigo cy'amashuri mwemeranyije ko ishuri umwana wawe yigaho rishobora guhinduka.
- Aho umwana wawe yiga ubu ni ho hasobanuwe muri IEP ye iheruka gushyirwa mubikorwa.
- Niba umwana wawe yashyizwe mu ikigo cy'uburezi cya IAES (Aho gushyirwa ho kwigira mu igihe cy'inzibacyuho, cyangwa se ahantu h'agateganyo ho kwigira hanze y'ikigo) kubera igihano cyatanzwe n'ikigo cy'uburezi, umwana wawe aguma muri icyo kigo cy'uburezi kugeza igihe umukozi ushinzwe iburanisha azafata icyemezo cyangwa kugeza igihe ikigo cy'uburezi kizaba cyarangije guhana umwana wawe, bitewe n'ibyabaye mbere.
- Niba ikirego cy'uburyo bwemewe kirimo kwemererwa ku inshuro ya mbere mukigo cy'uburezi, umwana wawe, hagendewe ku uruhushya rwawe, agomba gushyirwa mu ikigo cy'uburezi kugeza igihe urubanza rurangiriye.
- Niba ikirego cy'uburyo bwemewe kirimo ubusabe bwo gutangira serivisi hakurikijwe igice cy'itegeko rigenga imyaka yo kujya mu ishuri kubera ko umwana wawe yujuje imyaka itatu kandi akaba atakibasha kubona serivisi hakurikijwe igice cy'itegeko rigenga ubufasha buhabwa abana bakiri bato, ikigo cy'uburezi ntabwo gitegekwa guha umwana wawe serivisi zigenerwa abana bato umwana wawe atarasanzwe abona.
- Niba umwana wawe yemerewe guhabwa serivisi z'uburezi bwihariye kandi umubyeyi akaba yemera ko serivisi zitangwa, ikigo cy'uburezi kigomba gutanga serivisi zitarimo impaka hagati y'umubyeyi n'ikigo cy'uburezi.
- Niba umukozi ushinzwe igenzura yemeranya nawe ko guhindura aho abana bashyirwa ari byo bikwiriye, ibyo gushyirwa aho abana bashyirwa bigomba gufatwa nk'amasezerano hagati ya leta n'ababyeyi ku birebana naho kuba h'igihe gito.

Gusaba ubujurire butabogamye

Umwanzuro w'umukozi ushinzwe iburanisha

Ushobora kujuririra icyemezo cy'umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye (ubujurire) ukoresheje inyandiko mu igihe kitarenze iminsi 45 nyuma yo kwakira umwanzuro. Ohereza ubujurire bwawe ku:

Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio
Ibiro bishinzwe kwita ku abana bahabwa uburezi bwihariye (Office for Exceptional Children, OEC)
Igice cy'Umwanzuro
25 South Front Street Mail Stop 409 Columbus, Ohio 43215 OECdueprocess@education.ohio.gov

K'ubufasha bwinyongera, hamagara Ishami Rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohi Ibiro bishinzwe kwita ku abana bahabwa uburezi bwihariye kuri (614) 466-2650, cyangwa umurongo uhamagarwaho ku buntu (877) 644-6338.

Igihembo cy'Umwunganizi mumategeko

Ushobora guhitamo gukoresha umwunganizi (umunyamategeko) igihe icyo ari cyo cyose kugira ngo aguhagararire mu igihe cy'urubanza (cyangwa mu gihe cy'ubujurire bw'icyemezo cy'urukiko), ariko ugomba kwishyura amagarama yawe yemewe. Niba uhisemo gukoresha umwunganizi mu mategeko kandi ugatsinda (ukabona umwanzuro w'urukiko mwiza kuri wowe) mugikorwa cyangwa mu urubanza murukiko rwa leta cyangwa mu rukiko rw'igihugu bijyanye n'uburyo bwemewe bwo kuburanisha (kugira ngo ube ari wowe utsinze), urukiko rushobora gutegeka ikigo cy'uburezi kukwishyura igihembo cya avoka.

IGIHE IKIGO CY'UBUREZI GITSINZE URUBANZA

Niba ikigo cy'uburezi ari cyo gitsinze, urukiko rushobora kugutegeka kwishyura igihembo cy'umwunganizi mumategeko w'ikigo cy'uburezi. Urukiko rushobora kugutegeka cyangwa rugategeka ukunganira mu amategeko kwishyura igihembo cy'umwunganizi mumategeko w'Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio cyangwa ikigo cyawe cy'uburezi igihe batsinze kandi urukiko rukaba rwarafashe kimwe muri ibi bikurikira:

- Icyo kirego ko cyari ikinyoma, kidafite impamvu ifatika, cyangwa kidafite ishingiro
- Kuba warakomeje gukurikiranwa munkiko, nyuma y'uko icyo kirego cyaragaye ko cyari ikinyoma, kidafite impamvu ifatika cyangwa kidafite ishingiro
- Icyemezo cy'uko ikirego cyatanzwe ku mpamvu zidakwiriye, nko guhohotera, guteza gutinda bitari ngombwa, cyangwa kongera bitari ngombwa amagarama y'urukiko.

NIBA URUKIKO RUTEGETSE KO AMAGARAMA Y'URUKIKO YISHYURWA KURI WOWE CYANGWA IKIGO CY'UBUREZI

Niba urukiko rwategetse ko amagarama y'urukiko yishyurwa kuri wowe cyangwa ku kigo cy'uburezi, urukiko ruzashyiraho ikiguzi gikwiriye. Ikiguzi cy'umwunganizi kigomba kuba gishingiye ku ibiciro bisanzwe aho utuye aho igikorwa cyangwa urubanza byatangiwe, no ku bwoko ndetse n'ubwiza bwa serivisi zatanzwe. Hari imipaka runaka ku ubushobozi bw'urukiko bwo gutanga ikiguzi cy'umwunganzi mu mategeko.

Urukiko ntirushobora gutanga ikiguzi cy'umwunganizi muri ibi bihe:

- Iyo ikigo cy'uburezi gitanze inyandiko igaragaza ko cyemeye gukemura ikibazo mu iminsi 10 nyuma y'urubanza, ukanga kwemera iyo nyandiko mu minsi 10 kandi umwanzuro w'urubanza utari mwiza kuri wowe kurusha uwo ikigo cy'uburezi cyagushyikirije
    - Icyakora, urukiko rushobora kuguha ikiguzi cy'umwunganizi mu igikorwa kandi urukiko rukemeza ko wari ufite impamvu zumvikana (wari ufite nziza) zo kutemera ibyo ikigo cy'uburezi cyaguhaye.
- Kuba umwunganizi wawe mu mategeko yitabira inama ya IEP, keretse iyo nama yahamagawe bitewe n'iburanisha cyangwa igikorwa cy'urukiko
- Kuba umwunganizi wawe w'amategeko yitabiriye inama yo gukemura ikibazo

KUGABANYA IGIHEMBO CY'UMWUNGANIZI MUMATEGEKO

Urukiko rushobora kandi kugabanya ikiguzi cy'umwunganizi mu mategeko niba:

- Mu igihe cy'urubanza, wowe cyangwa umwunganizi wawe mu mategeko, mwatindije muburyo budashyize mugaciro uburyo bwo gukemura ikibazo burundu
- Ikiguzi cy'igihembo cy'umwunganizi wawe mumategeko kiri hejuru cyane ugereranyije n'igipimo cy'igihembo kw'isaha, icyi kikaba ari igipimo cy'igihembo gisanzwe mu akarere ku mirimo nk'iyo ikorwa n'abunganizi mu mategeko bafite ubuhanga, icyubahiro n'ubunararibonye
- Igihe cyakoreshejwe na serivisi z'amategeko wakiriye byari birenze urugero (birenze urugero) urebye imiterere y'igikorwa cyangwa y'urubanza

- Umunyamategeko wawe ntiyatanze amakuru akwiriye ku kigo cy'uburezi mw'itangazo ry'ikirego cyawe

Nta na kimwe mu byavuzwe haruguru gikurikizwa niba urukiko rwasanze leta cyangwa ikigo cy'uburezi byaratindije bidashyize mugaciro imyanzuro ya nyuma y'igikorwa cyangwa y'urubanza, cyangwa mubundi buryo bwarenze kumahame y'ibikorwa ya IDEA.

Ikinyabupfura

Ibigenderwaho mu kinyabupfura cy'abana babana n'ubumuga

Mu ibihe bimwe na bimwe, ikigo cy'uburezi cyawe gishobora gukomeza gutanga serivisi z'uburezi bwihariye ku mwana wawe ubana n'ubumuga, ndetse n'igihe ikigo cy'uburezi cyahagaritse, cyirukanye cyangwa cyakuye umwana wawe mu ishuri arimo (reba IEP y'umwana wawe kugira ngo umenye byinshi ku ishuri arimo).

AHO GUSHYIRWA MU UKWIGA N'UBUNDI BURYO

Niba umwana wawe yarirukanywe mu ishuri kubera kurenga kumabwiriza y'ikigo cy'ishuri mu igihe cy'iminsi y'ishuri iri munsi ya 10 ikurikiranye, ikigo cy'uburezi nticyagombye guha umwana wawe serivisi z'uburezi bwihariye muri icyo gihe. Niba umwana wawe yaravanywe ku ishuri , *mu igihe kirenze iminsi 10 ikurikiranye* ishuri rigomba gukomeza guha umwana wawe serivisi z'uburezi bwihariye, kabone n'iyo yaba yarashyizwe ahandi ho kwigira (urugero, mu ikindi cyumba cy'ishuri, mu inyubako cyangwa iwabo mu rugo).

Niba ikigo cy'uburezi gikuye umwana wawe mu ishuri aho yiga mu gihe kirenze iminsi 10 y'ishuri ikurikiranye mu mwaka umwe w'amashuri, bifatwa nk'ihinduka ry'icyiciro cy'ishuri umwana wawe yigamo.

Niba ikigo cy'uburezi gikuye umwana wawe mu ishuri aho yiga mu bihe bitandukanye (urukurikirane rwo kwimurwa) bikagera ku iminsi irenga 10 mu umwaka w'amashuri, ishuri rigomba kumenya niba uko kwimurwa gusobanura impinduka mu ishuri umwana wawe yigaho.

Mu gufata uwo mwanzuro, ishuri rigomba gusuzuma ibi bintu bikurikira:

- Igihe umwana wawe yamaze yarimuwe
- Igihe cyose umwana wawe yamaze yarimuwe
- Ni mu rugero rungana iki uko kwimurwa kwari kwegeranye
- Ugusa kw'imyitwarire y'umwana wawe ihuriye n'imyitwarire ye mu ibihe byashize umwana wawe yimurwa

Iyo uhinduye aho umwana wawe yiga kubera ko umwana wawe atakurikije amategeko y'ishuri, ikigo cy'uburezi, umubyeyi, n'abagize itsinda rya IEP, nk'uko byemejwe n'umubyeyi n'ikigo cy'uburezi, bagomba guhura kugira ngo bakore isuzuma ry'ishyirwaho ry'ibimenyetso. Intego yo gusuzuma ishyirwaho ry'ibimenyetso ni ukugena niba imyitwarire y'umwana wawe yaratewe n'ubumuga bw'umwana wawe cyangwa niba ifitanye isano ya bugufi n'ubumuga bwe.

Kureba niba Ibimenyetso Bigaragara

Mbere yo guhindura aho umwana wawe yiga kubera impamvu z'ikinyabupfura, ikigo cy'uburezi kigomba gufata ingamba zimwe na zimwe zo kurinda uburenganzira bw'umwana wawe. Intambwe imwe ni ugukora inama yo gusuzuma ibyerekeranye n'ibimenyetso. Iyi ni inama yo kugena niba imyitwarire y'umwana wawe yaratewe n'ubumuga bw'umwana wawe cyangwa niba ifitanye isano ya bugufi n'ubumuga bwe. Mu yandi magambo, imyitwarire y'umwana wawe yaba yaratewe n'ubumuga bwe? Itsinda ry'umunyeshuri rya IEP rizagena niba imyitwarire y'umwana wawe yaratewe n'ubumuga mu iminsi 10 y'ishuri nyuma yo gufata icyemezo cyo guhindura aho yiga

INAMA YO GUSUZUMA HAKAREBWA NIBA HARI UBUMUGA BUMUGARAGARAHO

Mu inama y'isuzuma ryo kumenya ibyerekana ko umwana afite ubumuga, wowe n'abandi bagize itsinda rya IEP musuzuma amakuru y'ingenzi arimo IEP y'umwana wawe, ibyo mwarimu yabonye n'andi makuru yose ajyanye n'ubumuga watanze.

Niba imyitwarire ari ikimenyetso cy'ubumuga bw'umwana wawe, umwana wawe azasubizwa aho yavanywe, keretse gusa itsinda rya IEP ryemeye guhindura aho yashyizwe.

Niba imyitwarire y'umwana wawe igaragaye ko ari ikimenyetso cy'ubumuga, itsinda rya IEP rigomba:

1. Gutangira gusuzuma uburyo bw'imikorere y'imyitwarire ye mu igihe cy'iminsi 10 kandi ribisoze vuba hashoboka. Gusuzuma imyitwarire ni ugusuzuma imyitwarire y'umwana wawe, kandi bikoreshwa mu kumenya ibintu bikikije umwana wawe bituma agira imyitwarire idahwitse, ndetse n'imyitwarire yayisimbura ikeneye kwigishwa kugira ngo umwana wawe abone umusaruro mwiza n'ibitekerezo byiza, ndetse no
2. Gutangira gahunda yo guhindura imyitwarire y'umwana wawe niba isuzuma ry'imikorere ry'imyitwarire ryaramaze gukorwa kandi rikaba rifitanye isano n'igihano kiriho (gahunda yo guhindura imyitwarire ye yibanda kumyitwarire idakwiriye ku ishuri n'uburyo bwihariye ishuri rizagerageza kugabanya iyo myitwarire), cyangwa

3. Niba hari gahunda yo guhindura imyitwarire ihari, ongera uyisubiremo kandi uhindure ibisabwa byose mu iminsi 10.

Andi mahitamo y'inzibacyuho (y'igihe gito Kandi atandukanye) mu miterere y'imyigishirize

Icyemezo cyo gushyira umwana wawe mu ikigo cy'uburezi cy'agateganyo (IAES) gifatwa n'itsinda rya IEP ry'umwana wawe. IAES ni uburyo butandukanye kandi bw'agateganyo bw'ishuri ry'umwana wawe kugira ngo abone uburezi bwihariye. Ku itariki itsinda rya IEP rifata icyemezo cyo guhindura ishyirwa ry'umwana wawe muri IAES kubera ko umwana wawe yarenze kumabwiriza y'ishuri, ikigo cy'uburezi kigomba kukumenyesha icyemezo kandi kikaguha Inyandiko nyobozi kuburenganzira bw'umubyeyi mu uburezi bwihariye

N'ubwo imyitwarire y'umwana wawe yaba yatewe n'ubumuga bwe, igiko cy'uburezi gishobora kuvana umwana wawe mu burezi akoherezwa muri IAES mu gihe kingana n'imisi 45 y'amasomo niba umwana wawe:

- Yari afite intwaro
- Yari afite cyangwa agakoresha, kandi abizi neza, ibiyobwabwenge bitemewe, yabicyuruje, cyangwa yagerageje kugura cyangwa kugurisha ibinyabutabire bisabirwa uruhusha muri Leta (urugero, ibiyobwabwenge bihindura ibitekerezo)
- Yakomerekeje bikomeye kumubiri undi muntu

Ibi muri rusange bikurikizwa ubwo umwana wawe yaba yagize imyitwarire nk'iyi ngiyi ari ku muhanda ugana kw'ishuri, yageze kw'ishuri, cyangwa mu mikoro y'ishuri.

Niba imyitwarire y'umwana wawe iterwa no kuba akekwaho ubumuga

Niba umwana wawe adafite IEP, ushobora gusaba ishuri kumufata nk'umwana ufite ubumuga niba hari kimwe muri ibi bintu cyabaye mbere y'uko umwana wawe arenga kumabwiriza y'ishuri:

- Wabwiye abayobozi b'ishuri cyangwa umwarimu w'umwana wawe, mu inyandiko, ko utekereza ko umwana wawe ashobora gukenera serivisi z'uburezi bwihariye, cyangwa
- Wasabye ko hakorwa isuzuma ry'umwana wawe, cyangwa
- Umwarimu w'umwana wawe cyangwa undi mukozi w'ishuri yarabwiye umuyobozi w'ishuri ry'uburezi bwihariye cyangwa undi mukozi ushinzwe kugenzura mu buryo butaziguye impungenge zihariye ku imyitwarire y'umwana wawe.
- Ikigo cy'uburezi cyawe nticyitezweho gufata umwana wawe nk'umwana ufite ubumuga niba wanze guha ikigo uruhushya rwo gusuzuma umwana wawe ku ibijyanye n'uburezi bwihariye. Ibi kandi ni ukuri niba waranze uburezi bwihariye n'izindi serivisi zifitanye isano n'umwana wawe cyangwa niba umwana wawe yaragenzuwe kandi itsinda ryemeje ko umwana wawe adafite ubumuga. Ikigo cy'uburezi gishobora guhana umwana wawe mu uburyo bumwe n'ubwo cyahana abanyeshuri badafite ubumuga bitwara muburyo bumwe.

Niba imyitwarire y'umwana wawe *itatewe mu buryo butaziguye n'ubumuga bwe*, umwana wawe ashobora koherezwa muri IAES mu gihe kingana n'icyo umwana udafite ubumuga nawe yakoherezwayo ari guhanwa.

Niba imyitwarire y'umwana wawe *yari ifitanye isano ritaziguye cyangwa yatewe n'Ubumuga bw'umwana wawe* Niba umwana wawe yarenze ku mabwiriza y'ishuri, umwana wawe agomba gusubizwa mu ikigo cy'ishuri yavanywemo, keretse niba wowe n'ikigo cy'ishuri mwemeranyije ko guhindura aho ashyirwa mu rwego rwo guhindura gahunda ye yo guhindura imyitwarire cyangwa IEP.

Icyakora, niba ikigo gishinzwe uburezi cyemera ko kugumana umwana wawe aho yiga ubu (nk'uko bigaragara muri IEP y'umwana wawe) bishobora kumuviramo gukomereka cyangwa agakomeretsa abandi, ikigo gishinzwe uburezi gishobora gutumiza inama ya IEP kugira ngo baganire kuri icyo kibazo. Niba wowe n'ikigo cy'uburezi mutavuga rumwe ku bijyanye n'ihindurwa ryaho yashyirwa, ikigo cy'uburezi gishobora gusaba ko hakorwa iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko ryihutirwa, mu yandi magambo, gishobora gusaba ko hakorwa iburanisha ryihutishijwe kugira ngo ikibazo gikemuke vuba (reba iburanisha ryihutishijwe ku ipaji ya 25).

NIBA UTEMERANYA N'IMPINDUKA MU BIREBANA N'AHO UMWANA WAWE ASHIRWA MU MYIGIRE CYANGWA N'IBYABONYWE MU INAMA YO GUSUZUMA NIBA IMYITWARIRE Y'UBUMUGA IMUGARAGARAHO

Ushobora gusaba ko hakorwa iburanisha ryemewe n'amategeko ryihutirwa kugira ngo urengere icyemezo cyo guhindura imiterere y'amashuri umwana wawe yigaho bitewe n'igihano cyangwa ngo urengere ibyavuye mu isuzuma ry'imiterere y'ibimenyetso bigaragara by'umwana (reba amakuru ku bijyanye n'imiterere y'isuzuma ku ipaji ya 25). Umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye azafata icyemezo mu igihe cy'iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko ryihutirwa niba ikigo cy'uburezi cyarakurikije ibisabwa igihe cyahinduraga aho umwana wawe yashyizwe cyangwa niba ikigo cy'uburezi cyerekanye ko imyitwarire y'umwana wawe yari cyangwa itari ikimenyetso cy'ubumuga bw'umwana wawe.

Nk'uko byavuzwe haruguru, ikigo cy'uburezi gishobora gusaba ko hakorwa iburanisha ry'uburyo bwemewe n'amategeko ryihutishwa, mu gihe ikigo cy'uburezi cyemera ko gukomeza n'umwana wawe mw'ishuri bishobora kuvamo gukomereka kwe cyangwa ku abandi (reba iburanisha ryihutishwijwe ku ipaji ya 25).

Aho gushyirwa hamwe ku bana babana n'ubumuga bikozwe n'aBABYEYI KU KIGO CY'ISHURI CYIGENGA ku ikigo cy'ishuri kigenga ku ikiguzi cya leta

Uburyo Bwo Kwanzura Niba Uzasubizwa Amafaranga

Niba uhisemo gushyira umwana wawe mu ishuri ryigenga, ikigo cy'uburezi cyawe nticyagombye kwishyura ikiguzi cy'uburezi cyangwa uburezi bwihariye n'ibindi bijyanye nabyo mu ishuri ryigenga, igihe cyose ikigo cy'uburezi cyahaye umwana wawe Uburezi buboneye kandi butangwa ku buntu (Free Appropriate Public Education (FAPE) mu ikigo cy'uburezi. Niba wemera ko ikigo cy'uburezi cyawe cyananiwe guha umwana wawe uburezi bw'ubuntu kandi bukwiriye (Free Appropriate Public Education (FAPE)), ufite amahitamo yo gutanga ikirego cy'uburyo bwemewe, aho hazakorwa iburanisha maze umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye agatanga icyemezo niba ikigo cy'uburezi cyaratanze FAPE ku umwana wawe (reba amakuru ajyanye no gutanga ikirego ku ipaji ya 24). Iyo umukozi ushinzwe iburanisha udafite aho abogamiye agaragaje ko ikigo cy'uburezi cyawe kitatanze FAPE, umukozi ushinzwe iburanisha ashobora gufata icyemezo cy'uko ufite uburenganzira bwo kwishyurwa (gusubizwa) amafaranga wakoresheje mu kwandikisha umwana wawe mu ishuri ryigenga.

KUGABANYURA CYANGWA KWANGIRWA GUSUBIZWA AMAFARANGA

Ingano y'amafaranga ikigo cy'uburezi gishobora gusabwa kugusubiza, ashobora kugabanywa, cyangwa ntushobora kuyasubizwa byose hamwe, mu gihe habayeho kimwe muri ibi bikurikira:

- Mu inama ya IEP yabaye mbere yo gukura umwana wawe mu ishuri, ntabwo wabwiye ishuri ko utazemera aho umwana wawe azashyirwa byatanzwemo inama n'itsinda rya IEP kandi ubabwira impungenge zawe, kandi ko uteganya kwandikisha umwana wawe mu ishuri ryigenga
- Ntabwo wabwiye ishuri mu inyandiko nibura iminsi 10 y'akazi mbere yo gukura umwana wawe mu ikigo cy'uburezi ko utemeye IEP kandi ko uteganya kwandikisha umwana wawe mu ishuri ryigenga (reba ko iyi minsi 10 y'akazi ikubiyemo iminsi y'ibiruhuko iba mu minsi y'akazi)
- Niba, mbere yo gukura umwana wawe ku ishuri, ikigo cy'uburezi cyaraguhaye itangazo ryanditse ribereye rigaragaza neza ko cyateganyije gusuzuma umwana wawe, kandi ukaba utaratanze umwana wawe ngo asuzumwe
- Urukiko rwasanzwe witwaye mu buryo budahwitse

UBWIRINZI BWO GUSUBIZWA AMAFARANGA

Amafaranga ugomba gusuzubizwa (amafaranga ugomba kwishyurwa) ntashobora kugabanywa, cyangwa ntushobora kwangirwa kwishyurwa, niba hari kimwe muri ibi bikurikira bibaye:

- Ikigo gishinzwe uburezi cyarakubujije gutanga itangazo
- Ikigo gishinzwe uburezi niba kitarakubwiye ko ugomba gutanga itangazo
- Gutanga itangazo bishobora gutuma umwana wawe ababara ku mubiri.

Ikindi kandi, urukiko cyangwa umukozi ushinzwe buranisha ashobora kubona ko ikiguzi cyo kwishyurwa kidashobora kugabanywa cyangwa ngo gihakanywe kubera kudatanga iri tangazo niba:

- Utazi gusoma cyangwa kwandika Icyongereza, cyangwa
- Gutanga itangazo bishobora gutuma umwana wawe ababara bikomeye amarangamutima.

Kumenyesha umubyeyi amahirwe yo kurihirwa ku abana babana n'ubumuga

Igihe Itangazo Ritangwa

Igihe cyose ikigo cy'uburezi kirangije gusuzuma umwana ufite ubumuga, cyangwa gitangiye gukora, gusuzuma, cyangwa kuvugurura IEP y'umwana, ikigo cy'uburezi kigomba kukubwira ibyerekeye porogaramu yo kurihirwa y'Abana babana n'ubumuga bwo kudasabana n'abandi na porogaramu yo kurihirwa ya Jon Peterson.

GAHUNDA YISHYURIRA AMASHURI ABANA BAFITE UBUMUGA BWA AUTISM

Ku yandi makuru yinyongera kuri porogaramu yo kurihirwa y'Abana babana n'ubumuga bwo kudasabana n'abandi sura urubuga rwa interineti rw'Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio kuri education.ohio.gov wandike ***Autism Scholarship Program*** aho bashakira amakuru, cyangwa kuri imeyili autismscholarship@education.ohio.gov.

GAHUNDA YA JON PETERSON YISHURIRA AMASHURI ABANA BAFITE IBYA NKENERWA BYIHARIYE

Niba umwana wawe yiga mu mashuri yihariye, ushobora kuba wujuje ibisabwa kugira ngo uhabwe imfashanyo muri porogaramu ya Jon Peterson y'abana bafite ibyo bakeneye byihariye.

Andi makuru kuri porogaramu ya Jon Peterson y'abana bafite ibyo bakeneye byihariye, sura urubuga rwa interineti rw'Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio education.ohio.gov hanyuma wandikemo ***Jon Peterson Scholarship*** aho bashakira amakuru, cyangwa kuri imeyili peterson.scholarship@education.ohio.gov.

Andi makuru

Amakuru ku ibijyanye na porogaramu zo kurihirirwa asangwa ku urubuga rwa interineti rw'Ishami rishinzwe Uburezi n'Abakozi muri Ohio kuri education.ohio.gov.

Andi makuru y'inyongera cyangwa ibibazo kuri izi porogaramu zo kurihirirwa, hamagara Ibiro bitanga amahitamo yo kwiga atari aya Leta kuri (614) 466-5743, cyangwa umurongo utishyurwa kuri (877) 644-6338.